REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
PEREFEGITURA - BUTARE.

Butare, kuwa 02/03/1997.
N° 189/J.P.B/98

Services Généraux
- rapport à exploiter
- info Services décentralisés
Kamu 25.3.98

A traiter par ..........
Date entrée : 17/03/98
N° Classement : 6.01/4

Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
K I G A L I.

IMPAMVU : Raporo y'umwaka w'1997.

Sport civil
Exploit. commentaires
Service
05/5/98

→ Appui Matériel notamment ballons.

Nyakubahwa Minisitiri,

Nejejwe no kubohereza k'umugereka w'iyi baruwa, raporo y'ibikorwa by'umwaka w'1997. Iyo raporo ikaba yaratinze gutangwa kubera ko umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri perefegitura ya Butare, yavuye kuri uwo mulimo, asize atayiteguye.

Mbifulije kubyakira neza.

Umuyobozi wungirije w'urubyiruko
i Butare,
MUTALINDWA Stany.

BIMENYESHEJWE :

- Bwana Perefe wa perefegitura ya
B U T A R E .

RUBULIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
PEREFEGITURA YA BUTARE.

# -RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA W'1997.

Kugirango inshingano zacu zigerweho mu kazi kacu ko m'Ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri perefegitura ya Butare, twifashisha abayobozi b'urubyiruko bo mu makomini. Ubu mu makomini 20, abiri(2) niyo adafite abayobozi b'urubyiruko : NYAKIZU na HUYE. Iryo bura rituma ibikorwa by'urubyiruko muri ayo makomini bidindira.

Ku mikorere twibanze cyane cyane ku byerekeye urubyiruko, siporo, umuco no kwigisha imyuga iciriritse.

## I. ABAKOZI BAKORERA MINISITERI Y'URUBYIRUKO MURI BUTARE.

| SERVICE | UMUBARE |
|---|---|
| 1. ENCAJESCAFOP | 3 |
| 2. MU MAKOMINI | 18 |
| 3. CFJ. a) RWABUYE | 25 |
| b) NYANZA | 18 |
| c) SOVU | 1 |
| TOTAL | 65 |

## II. URUBYIRUKO.

### 2.1. UMUBARE W'URUBYIRUKO.

Imibare dufite ubu ni iy'urubyiruko rutiga n'urutigeze rwiga, ruri hagati y'imyaka 6 na 25. Uko abantu bakomeje guhunguka niko imibare yagendaga yiyongera.

.../...

| KOMINI | 6 à 11 ans | | | 12 à 25 ans | | | total | | T.G |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | G | F | T | G | F | T | G | F | |
| 1. MUYAGA | 2.498 | 2.767 | 5.265 | 2.832 | 3.286 | 6.118 | 5.330 | 6.053 | 11.383 |
| 2. MUGANZA | 2.369 | 2.629 | 4.998 | 1.619 | 1.226 | 2.845 | 3.998 | 3.855 | 7.843 |
| 3. RUHASHYA | 286 | 265 | 551 | 178 | 149 | 327 | 464 | 414 | 878 |
| 4. KIBAYI | 496 | 477 | 973 | 468 | 487 | 955 | 964 | 964 | 1.928 |
| 5. KIGEMBE | 1744 | 1.521 | 3.265 | 993 | 1.119 | 2.112 | 2.737 | 2.640 | 5.377 |
| 6. NDORA | 376 | 414 | 790 | 969 | 1.240 | 2.209 | 1.345 | 1654 | 2.999 |
| 7. MBAZI | 598 | 174 | 772 | 378 | 146 | 524 | 976 | 320 | 1.296 |
| 8. MUGUSA | 958 | 934 | 1.892 | 1.357 | 1.280 | 2.645 | 2.315 | 2.222 | 4.537 |
| 9. GISHAMVU | 356 | 312 | 668 | 376 | 358 | 684 | 732 | 620 | 1.352 |
| 10.MARABA | | | | | | | 4.773 | 5.072 | 9.845 |
| 11.RUSATIRA | | | | | | | 4.357 | 5.072 | 9.429 |
| 12.SHYANDA | | | | | | | | | 9.378 |
| 13.NYARUHENGERI | | | | | | | | | 2.420 |
| 14.HUYE | | | | | | | | | 5.190 |
| 15.MUYIRA | | | | | | | | | 6.285 |
| 16.NGOMA | | | | | | | | | |
| 17.NYABISINDU | | | | | | | | | |
| 18.RUNYINYA | | | | | | | | | |
| 19.NTYAZO | | | | | | | | | |
| 20.NYAKIZU | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | 80.140 |

.../...

2.2. INZEGO Z'URUBYIRUKO.

Inzego z'urubyiruko n'imiyoboro urubyiruko ruzajya rucishamo ibitekerezo byabo. Hakaba hatorwa kuri buri selire, segiteri na komini urubyiruko umunani(8) :

1. Umuhuzabikorwa
2. Umuhuzabikorwa wungirije
3. Umunyamabanga
4. Ushinzwe uburezi n'umuco
5. Ushinzwe abari n'ingimbi
6. Ushinzwe kuzamura umusaruro n'imibereho myiza y'urubyiruko
7. Ushinzwe imali
8. Ushinzwe imikino n'imyidagaduro.

Urubyiruko rero rwitoreye abaruyobora mu makomini yose.

* Ku rwego rwa selire henshi usanga zicumbagira, ahandi ntizirajyaho.

* Ku rwego rwa segiteri hose zimaze kujyaho, uretse abagenda bavamo bagiye kurongorwa.

* Ku rwego rwa komini, 14 kuri 20 zimaze kujyaho.

Abagenda bavamo cyane cyane mu buyobozi no kutabona amahugurwa, bituma zidindira ntizikore neza.

2.3.AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO.

Twakomeje gukangurira urubyiruko kwibumbira mu mashyirahamwe kuko aribwo buryo bwarwanya ubukene n'ubujiji bibugarije, bukazabageza no ku majyambere.
Iyo amaze gushingwa, hari adashobora gukomeza kandi ntatere imbere kubera amikoro make.
Biragaragara cyane ko aba akeneye inkunga y'ibikoresho cyangwa amafaranga.
Amashyirahamwe menshi yibanda k'ubuhinzi, ayandi k'ubworozi n'ubukorikori.

Umubare wayo.

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1. Maraba | : 10 | 11. Nyaruhengeri | : 10 |
| 2. Muyaga | : 23 | 12. Ntyazo | : 7 |
| 3. Mbazi | : 10 | 13. Rusatira | : 5 |
| 4. Ndora | : 5 | 14. NGoma | : 8 |
| 5. Kibayi | : 6 | 15. Nyabisindu | : 7 |
| 6. Muganza | : 16 | 16. Huye | : 4 |
| 7. Ruhashya | : 4 | 17. Shyanda | : 20 |
| 8. Kigembe | : 3 | | |
| 9. Gishamvu | : 8 | | |
| 10. Mugusa | : 9 | | |

.../...

## 2.4 IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO.

| Commune | Scouts | Xaveries | J.O.C | Legion-Marie | J.A.S Jeunesse Adventiste | J;P Jeunesse Pentecotiste |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1.MUGUSA | × | × | | | | |
| 2.KIGEMBE | × | × | × | | | |
| 3.RUHASHYA | × | × | | | | |
| 4.MUGANZA | × (1) | × | × | | | |
| [illegible]KIBAYI | × | | | | | |
| 6.NDORA | × | × | × | × | | |
| 7.MBAZI | × | | | | | |
| 8.MUYAGA | | × | × | | × | × |
| 9.NGOMA | × | × | × | | | |
| 10.NYABISINDU | × | | | | | |

## 2.5. IBINDI BYAKOZWE.

### 1. Ingando.

Urubyiruko rwahungutse vuba rwo mu mashuli yisumbuye n'amakuru rwo muri perefegitura ya BUTARE rwahuriye mu ngando yabereye i KANSI, ruhamara ukwezi kwose, kuva kuwa 20/05/97 k ugeza kuwa 20/06/97. Iyo ngando yari igamije kubakangurira amatwara mashya ya Leta y'Ubumwe. Bahahuriye barenga igihumbi, abahungu n'abakobwa. Harimo abanyeshuli 880 n'urundi rutiga 367, rwari rwaje kubafasha. Uretse amasomo babonaga, bakoraga n'imilimo y'amaboko nko kubumba amtafali ku buryo babumbye amatafari 39000.

Abanyarwanda bari abakozi mbere y'intambara yo muri 94, bo muri Butare bahungutse vuba nabo bahuriye mu ngando yabereye KIMIRONKO muri P.V.K. nabo bahamaze ukwezi: kuva kuwa 16/10/97 kugeza kuri 18/11/97. Abanya Butare bonyine bari 622. abari abakozi 511 n'abari abanyeshuli 111. Uretse ibikorwa byerekeye ubuzima bwabo, igikorwa gikuru bakoraga cyari icyo kwiga gusa.

### 2. Stage.

- Umunyeshuli wo muli kaminuza y'u Rwanda, wo mu mwaka urangiza(LII S.S...) witwa UMURERWA Blandine yakoreye " Stage " mu buyobozi tuyobora ku bijyanye n'abana b'inzererezi. Yahamaze ibyumweru bitandatu, arangiza ahugukiwe neza mu byari byamuzanye.

.../...

3. Amahugurwa.

Hatanzwe amahugurwa y'abahagarariye amashyirahamwe(Umuyobozi, umwungirije, umunyamabanga) mu makomini ya MBAZI, RUNYINYA na Muganza.

2.6. IBIGO BYA RWANDA RW'EJO(Jeunesse en situation difficile=J.S.D)

Ibigo birera abana bo mu muhanda míri Butare ni Bine.

1. IKIGO CYIRI I CYARWA :

Icyo kigo ni icya MIJESCAFOP. Kugeza m'ukuboza 97, cyari gifite abana 432, harimo abakobwa 6. Abasubijwe mw'ishuli ni 203. Abatazi gusoma no kwandika babyigira mu kigo. Aba bana ahantu baba ntabwo ari heza, aliko habonetse ahandi bakwimurirwa, bakwimurwa.

ABAKOZI :
- Umuyobozi 1
- Abayobozi b'imilimo 3
- Umushoferi 1
- Ankadereri 3
- Abasuruveya 2
- Abakozi bo mu gikoni 7
- Abazamu 3.

2. IKIGO CYIRI I NGOMA.

Icyo kigo ni icyo aba " METHODISTE LIBRE AU RWANDA " cyitwa "LE BON SAMARTAIN". Harimo abana 101, ariko 54 baba mu kigo, 47 bataha mu miryango yabo. Abana 26 Biga mu mashuli abanza, 16 biga imyuga, 13biga gusoma no kwandika.

ABAKOZI :
- Umuhuzabikorwa 1
- Abayobozi b'imilimo 2
- Ankadereri 2
- Ushinzwe ubuzima 1.

3. IKIGO CY'INTIGANDA.

Harimo abana 83, higamo 71.

ABAKOZI :
- Abahuzabikorwa 2
- Ankadereri 6
- Abayobozi b'imilimo 2
- Abashinzwe ubuzima 2
- Umuganga 1.

4. IKIGO CYA TURERERE U RWANDA/NYANZA.

.../...

## III. IMIKINO (SPORTS).

Perefegitura ya Butare igizwe n'amakomini 20, buri komini ikaba ifite ikibuga cy'umupira w'amaguru. N'ubwo henshi bitameze neza, byose birakoreshwa. Hari n'amasegiteri afite ibibuga byiza n'andi afite ibitameze neza.
ibibuga by'umupira w'intoki ntabwo biri kuri za komini zose, keretse ahagiye hari amashuli yisumbuye.

Amakipe y'amakomini hose amaze kujyaho k'uburyo menshi yagiye ahura, cyane cyane nkayo muri S/P ya GISAGARA.

Hakozwe shampiyona y'amashuli mato n'ayisumbuye. Amato mu mupira w'amaguru, naho ayisumbuye mu mikino y'umupira w'amaguru, imipira y'amaboko(Volley-Ball, Basket-Ball, Hand-Ball) n'imikino ngororangingo.

Habaye shampiyona yahuzaga urubyiruko rw'abanyeshuli bahungutse vuba rwari mu ngando zose zabereye mu Rwanda, tukaba natwe twarayitabiriye kuko twari mu ngando i KANSI.

Habaye"Tournoi" y'abana bato"Cadet". Ikipe yo muri Butare yari yatsinze izindi"KADOGO-SCHOOL" ikaba yarageze mu gice cya nyuma cyabereye i Kigali, ikaba ariyo yatwaye igikombe.

Mu rwego rwo guhura n'ibindi bihugu, "Association Sportive INTWALI" yagiye i BUJUMBURA mu BURUNDI, ikina na CLUB GYMKHANA. Yatahanye intsinzi.

## IV. U M U C O.

Kugeza ubu muri perefegitura ya Butare, hafi ya komini zose zifite itorero ryazo; uretse ko no muri za segiteri usanga hari "Groupe d'Animation".

| KOMINI | AMAZINA Y'AMATORERO. |
|---|---|
| 1. MUYIRA | INYANGAGUHIGWA |
| 2. RUHASHYA | INYANGE |
| 3. NDORA | ABURUKUNDO |
| 4. MARABA | ABADATANA |
| 5. MUGUSA | ABATICUMUGAMBI |
| 6. MBAZI | IMARAGAHINDA |
| 7. SHYANDA | ABADATENGUHA |
| 8. KIGEMBE | ABATICUMUGAMBI |
| 9. RUSATIRA | ABAHARANIRAMAHORO |
| 10. MUYAGA | NDATWA |
| 11. GISHAMVU | ISHINGIRO RY'URUKUNDO |
| 12. NYARUHENGERI | INDACOGORA |
| 13. KIBAYI | IMBANZAGUSERUKA |
| 14. NYABISINDU | INGABONZIZA ZA KOMINI |
| 15. MUGANZA | ITORERO RYA KOMINI. |

Hari n'ayandi matorero azwiho ubuhanga :

- URUKERERZA ( Rukari - NYANZA)
- URUGANGAZI (Inzu ndangamurage y'U Rwanda).

### AMARUSHANWA.

* Kuwa 19/197, habaye amarushanwa y'amatorero yo muri Butare ku "Bumwe n'Ubwiyunge". INYANGAGUHIGWA, itorero rya komini MUYIRA niryo ryabaye irya mbere.

* Kuwa 16/3/97, habaye irushanwa rya kimwe cya kabiri cy'irangiza ku matorero yabaye aya mbere muri za perefegitura ; CYANGUGU, GIKONGORO, GITARAMA na BUTARE. Itorero rya komini NYAMABUYE i GITARAMA niryo ryabaye irya mbere.

* Kuwa 20/7/97, habaye irushanwa ry'amatorero yo muri Butare ku"MAHORO N'UBWIYUNGE". Mu matorero 13 yari yaserutse, itorero rya komini MUYIRA niryo ryabaye irya mbere n'amanota 80,1%.

.../...

## V. IMYUGA ICIRIRITSE.

Muri perefegitura ya Butare hari ibigo bitatu bya Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga Iciriritse, byigisha imyuga. Ikigo kiri i Nyanza, ikindi kiri i Kavumu, byombi bikaba biri muri komini NYABISINDU, n'ikindi kiri i RWABUYE muri komini NGOMA.

### 1. C.F.J. NYANZA.

Urubyiruko rwiga muri iyi C.F.J. ruba rwararangije umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza. Bahiga : Ububaji, Ubwubatsi n'ubudozi, bakiga amezi atandatu(6). Muri uyu mwaka wa 1997, harangije ibyiciro bibiri. Abamaze kuharangiza bose hamwe ni 216.

ICYICIRO CYA MBERE.

| ISHAMI | ABAHUNGU | ABAKOBWA | BOSE |
|---|---|---|---|
| Ubwubatsi | 39 | 10 | 49 |
| Ububaji | 48 | - | 48 |
| Ubudozi | - | - | - |
| BOSE HAMWE | 87 | 10 | 97 |

ICYICIRO CYA KABIRI.

| ISHAMI | ABAHUNGU | ABAKOBWA | BOSE |
|---|---|---|---|
| Ubwubatsi | 41 | 3 | 44 |
| Ububaje | 38 | 3 | 41 |
| Ubudozi | 1 | 33 | 34 |
| BOSE HAMWE | 80 | 39 | 119 |

### 2. C.F.J. RWABUYE.

Muri iki kigo biga : Kudoda, kubaka, kubaza no gusudira bikajyana n'iby'ubuhinzi, ubworozi hamwe n'ubworozi bw'amafi. Higamo abahungu n'abakobwa bakahiga imyaka itatu. Hari imyaka ya mbere n'iya kabiri kuri iyo myuga uko ari ine. Umwaka warangiyr mu myaka ya mbere harangije urubyiruko 105, naho muya kabiri 59. Bose hamwe ni 164. Batanga amafaranga y'ishuli :

- Ku mwaka wa mbere ni 6.000FRW
- Ku mwaka wa kabiri ni 2.000FRW.

.../...

3. IKIGO GIHUGURA ABASHOFERI N'ABAKANISHI.

Abashoferi bahugurwa amezi atatu, batwara ibimodoka binini. Abiga ubukanishi bamara amezi atandatu.
Muri uyu mwaka hamaze kurangiza ibyiciro bibiri by'urubyiruko rwiga gutwara ibimodoka bi binini, n'icyiciro kimwe cy'abiga ubukanishi.
Bigishwa n'Abarusiya.

Hari ibindi bigo bitari ibya Minisiteri y'urubyiruko, bifashwe n'abihaye Imana:

1. C.F.J. y'i SAVE(komini SHYANDA)
2. C.F.J. y'i NYANTANGA(komini NYAKIZU).

Ibi bigo bikaba bikeneye inkunga yo kubahembera abarimu bityo ibikorwa by'ikigo bikagenda neza.

3. C.F.S.NGOMA(Centre de Formation de Scouts) nacyo kigisha imyuga.
4. CEFOTECYA/BUTARE.

Iryo shuli ryatangiye kuwa 15/9/97 i Butare. Hari umwaka wa mbere " Section Mécanique-automobile ", irimo abana 39, ibitsina byombi. Higishamo abarimu batanu n'umuyobozi waryo.

.../...

## VI. I B Y I F U Z O.

1. Abayobozi b'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse bo mu makomini bagombye guhabwa uburyo bwo gukora, kubera ko ari abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko bagombye guhembwa nayo. Ibyo byagabanya ihindagurika ryabo no guhembwa batinze kubera amikoro make y'amakomini amwe n'amwe.

2. Kugirango akazi k'urubyiruko kgende neza, hakwiye amahugurwa :

1. Abayobozi b'urubyiruko bo mu makomini
2. Urubyiruko ruhagarariye abandi mu nzego. Muri selire, segiteri na komini.

3. Kubera ko urubyiruko rwitabira siporo cyane, twifuza ko Minisiteri yajya idutera inkunga ku bikoresho bya siporo(imipira n'ibindi ...)

4. Amashyirahamwe y'urubyiruko akwiye kwitabwaho agafashwa.

5. Ubuyobozi bw'urubyiruko ku rwego rwa perefegitura, burasaba Minisiteri ko yabukoreshereza ipikipiki y'akazi, imaze igihe kitari gito muri garage i Kigali cyangwa ikareba ukundi yaboroherereza mu kazi.

6. C.F.J. y'i NYANTANGA na C.F.J. y' i MUGUSA, bikeneye inkunga ya Minisiteri, kugirango zikore. Byafasha urubyiruko rutari ruke.

7. Turasaba ubuyobozi bw'imyuga iciriritse muri Minisiteri ko bwavugurura uburyo bwo kwandika urubyiruko rujya kwiga mu kigo cy'i KAVUMU i NYANZA.-

&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&&

## VII. GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA W'1998.

| IBIKORWA | IGIHE(ukwezi). |
|---|---|
| * Raporo 1997 | 1 |
| 1. Kuvugurura inzego z'urubyiruko mu makomini yose | 4 - 7 |
| 2. Gusura ibigo bya ba Rwanda rw'ejo | 2 |
| 3. Amahugurwa y'abayobozi b'urubyiruko bo mu makomini | 6 |
| 4. Amahugurwa y'urubyiruko rugize inzego | 6 - 12 |
| 5. Gukurikirana no kumenya ibikorwa bikorerwa mu miryango y'urubyiruko | 5 - 8 |
| 6. Gutegura isangano ry'urubyiruko | 5 - 8 |
| 7. Ingando | 9 |
| 8; Gusura za C.F.J. | 3 |
| 9. Kuvugurura amashyirahamwe y'urubyiruko, duhugura abagize ubuyobozi | 4 - 9 |
| 10. Isiganwa ry'amagare(Cyclisme) | 3 - 12 |
| 11. Shampiyona Inter-communal(Foot-ball) | 6 - 10 |
| 12. Tournoi des cadets | 9 - 10 |
| 13. Imikino ngororangingo y'amakomini | 10 |
| 14. Gusura amatorero no kuyagira inama | 8 |
| 15. Irushanwa ry'amatorero | 9 |
| 16. Inama z'abayobozi b'urubyiruko. | 1 - 12.- |

REPUBLIKA Y'U RWANDA
PREFEGITURA RUHENGERI
UBUYOBOZI B'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE.

Ruhengeri, kuwa 20/3/1998
N°.6./15/ENCAPREJEUSCAFOP/RH/98

Bwana Ministri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse KIGALI.

IMPAMVU:
Gutanga raporo y'umwaka 1997.

Binyujijwe kuri Bwana Perefe wa Perefegitura RUHENGERI.

A traiter par ...
Date entrée 14/4/98
N° Classement ...

Bwana Ministri,

Hamwe n'iyi baruwa nejejwe no kubagezaho raporo y'umwaka w'1997 mu buyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura RUHENGERI.

Iyi raporo irerekana ibyashoboye gukorwa ku ngingo zinyuranye mu mirimo dushinzwe ku bireba ibi bikurikira :

- -Urubyiruko (Volet Jeunesse)
- -Siporo (Volet Sport)
- -Umuco (Volet culture et Arts)
- -Kwigisha Imyuga Iciriritse (Volet Formation Professionnelle).

Kubera impamvu z'umutekano muke wari mu karere ka RUHENGERI mu mwaka w'1997 hari byinshi bitashoboye kugerwaho.

Turizera ko ibitarashobotse bizakorwa kubera ubufatanye n'abayobozi bacu hamwe kandi n'abakuru b'imirimo duhuriye ku mirimo ijyanye n'Imibereho Myiza y'Abaturage muri rusange n'iy'urubyiruko by'umwihariko.

Tunabagejejeho ikibazo cy'uko b'Ankadereri ba za Komini bava mu kazi bifatiye ko umushahara utangwa na Komini utaza kimwe n'uwa Leta n'icyifuzo ko bashyirwa mu bakozi ba Leta.

Tubashimiye, Bwana Ministri, umutima mwiza mwakirana iyi raporo n'uburyo muzadukemurira ibibazo bikubiyemo.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse,
FURERE Zacharie.
P.O.

INTERURO

Umwaka w'1997, ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse mu RUHENGERI bwatangiye bufite imbaraga n'icyizere cyo kurangiza inshingano busabwa. Ibyo bigaturuka ku buryo bwari bufite babakozi bahagije mu biro ku rwego rwa Perefegitura hamwe na ba Ankadereri ba za Komini bashoboye kandi bafite ubushake.

Kubera ko no muri za Komini hari hamaze guhugurwa urubyiruko 230 ku burere mboneragihugu.Bikaba byari bikubitiyeho ko n'abanyarwanda bari barahunze muri 1994 bari bamaze gutahuka. Kubera umutekano muke waranze aka karere mur'uyu mwaka w'1997 imirimo yagombaga gukorwa yahuye n'inzitizi zikomeye kuko ubugizi bwa nabi bw'ubwicanyi butasize urubyiruko kenshi ruzira ko rumaze kunyurwa n'imyigisho nzima rwahawe zijyanye na gahunda ya Guverinema y'Ubumwe cyane cyane ku birebana n'urubyiruko.

Raporo rero irerekana ibyashoboye gukorwa mu mwaka w'1997 cyane cyane mu gihe umutekano wari utarahubangana bikabije, ingorane zahabaye hamwe n'ibyifuzo bigamije kwubaka.

I. ABAKOZI

I.1. KU RWEGO RWA PEREFEGITURA

1. Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse : FURERE Zacharie
2. Umuyobozi wungirije : MUNGARURIYE Fidele
3. Umunyamabanga n'umwanditsi : UGIRASE Zachia

I.2. KU RWEGO RWA KOMINI

| 1. KOMINI | : ANKADERERI |
|---|---|
| 1. BUTARO | : NIYONZIMA Polycarpe |
| 2. CYABINGO | : KALIBU MUGANZA |
| 3. CYERU | : RUGERUZA Julien |
| 4. GATONDE | : - |
| 5. KIDAHO | : KARUHIJE Charles |
| 6. KIGOMBE | : NKUNDABAKURA Javan |
| 7. KINIGI | : - |
| 8. MUKINGO | : KAREKEZI Baltazar |
| 9. NDUSU | : NDUHUYE Nicolas |
| 10. NKUMBA | : - |
| 12. NYAKINAMA | : NDUWAYEZU Prisylvain |
| 13. NYAMUGALI | : - |
| 14. NYAMUTERA | : - |
| 15. NYARUTOVU | : MUSONI Desire |
| 16. RUHONDO | : MURINDABIGWI Vincent |

| ISOMO | : UWALITANZE |
|---|---|
| 19. Leadership | : - KAYINAMURA Paul |
| 20. Panafricanisme | : - Mjr RUTAYISIRE Wilson |

ABASHITSI BO KUWA 16/9/1997

1. Ministri RWIGEMA Pierre Celestin
2. " Dr Jacques BIHOZAGARA
3. " Dr KAREMERA Jpseph
4. " RUGENERA Marc
5. " MAZIMPAKA Patric
6. Umunyamabanga wa Leta Madame Beatrice SEBATWARE Penda

ABASHYITSI BO KUWA 17/9/1997

1. Ministri NAYINZIRA Jean Nepomuscene
2. " BIRUTA Vincent
3. Ambasaderi Denis Polisi
4. Depute BARIHUTA

ABASHYITISI BO KUWA 18/9/1997

1. NTAKIRUTIMANA Charles
2. KANYARENGWE Alexis
3. KAREMERA Joseph
4. Beatrice SEBATWARE Penda
5. GASIGWA Faustin
6. NTAKIYIMANA Denys
7. SHEKE ISSA

ICYICIRO CYA KABIRI : SITE NYAKAINAMA

-Ingando yahuje abahoze ari abakozi muri RUHENGERI yatangiye tariki 12/10/1997 isozwa kuri 13/11/1997.

ABAYIJEMO:-Abigishijwe bahawe ibyemezo (certificat) ni 1958

| | | |
|---|---|---|
| Abana | : | 265 |
| Bose | : | 2223 |

.../...

a) AMASOMO N'ABAYATANZE

| | | |
|---|---|---|
| 17/- 20/1997 | : IMibereho n'imibanire | : - RUTUBUKA Emmanuel |
| 21-22/10/1997 | : Amateka y'u Rwanda | : - MUCOCORI Deo |
| 24/10/1997 | : Politiki mpuzamahanga | : - KAYINAMURA Paul |
| 25/10/1997 | : Ubuhinzi | : - RUTUBUKA Emmauel |
| 27/10/1997 | : Ubukungu | : - RUBERANZIZA Eugene |
| 28/10/1997 | : Leader ship | : - NZITONDA Jacques |
| 29/10/1997 | : Demokarasi | : - RWUBATSE Andre |
| 29/10/1997 | : URUBYIRUKO | : - MUNGARURIYE Fidele |
| 30/10/1997 | : Umuco w'Amahoro | : - RUHAMIRIZA JMV |
| 31/10/1997 | : Itangazamakuru | : - RUTUBUKA Emmanuel |
| 01/11/1997 | : Gahunda ya Guverinema | : - RUCAGU Boniface |
| 03/11/1997 | : Ubutabera | : - BAYISABE Marcel |
| 04/11/1997 | : Umuco mw'iterambere7 | : - NZITONDA Jacques |
| 04/11/1997 | : Uruhare rw'Umunyarwandakazi mw'itemambere | : - NYIRASAFARI Cecile |
| 05/11/1997 | : Uburezi | : - MUCOCORI Deo |
| 06/11/1997 | : Umutekano | : - Lt.Col MUNYAKAZI Laurent |
| 06/11/1997 | : Entreprenariat | : - S/P MURARA Adelard |
| 09/11/1997 | : Panafricanisme | : - MUNYANDAMUTSA J.Paul |
| 10/11/1997 | : Patriotisme | : - L.t. PETER MANZI |

b) ABASHYITSI (Baturutse i KIGALI)

1. Ministri Dr BIHOZAGARA Yakobo
2. " MAZIMPAKA Patrik
3. " KAREMERA Joseph
4. Depute KAGIRANEZA Deus
5. Secretaire d'Etat (MININTER) Mme Beatrice SEBATWARE Banda
6. Umukuru w'Abayisilamu
7. Col. KANYARENGWE Alexis
8. Representants O.NG.
   H.C.R.
   PAM

ABASHYITSI KU RWEGO RWA PEREFEGITURA

-Perefe n'aba Suprefe ba RUHENGERI

-Aba Burgumestri bose

-Abakuru b'Imirimo ku rwego rwa Perefegitura bose.

II.4. INGANDO Y'URUBYIRUKO (KUBAKIRANA)

* Ku byerekeye ingando z'urubyiruko twasanze igikorwa cyihutirwa cyari icyo kubakira abanyarwanda badafite amazu bitewe n'impamvu zinyuranye zifatiye ku makuba igihugu cyacu cyagize.

Bityo rero urubyiruko rwakanguriwe icyo gikorwa mi muri BUTARO hubakwa umudugudu ku ngufu z'urubyiruko hamwe n'inkunga y'umuryango CONCERN ndetse no muri NYAMUGALI hubakwa undi nk'uwonguwo.

Muri NYAKINAMA ho urubyiruko rwashoboye kwubakira abatishoboye muri za segiteri isakaro ryatanzwe na HCR ry'amazu mirongo itanu(50). Hakaba uwo muryango wagombaga gutanga irindi sakaro ry'amabati 30 ku inzu imwe kuko urubyiruko rwari rwiyemeje kwuzuza amazu magana atatu (300).

II.5. IBIGO BY'IMFUBYI

* Muri Perefegitura yacu hari ibigo by'imfubyi bibiri n'ikindi cyakira kigahuza abana baburanye n'ababo cyitwa CONCERN.

a) Ikigo cy'imfubyi cya BENEBIKIRA muri Komini KIGOMBE.

b),Ikigo cya JANJA muri Komini NDUSU
Muri ibyo bigo hari abana b'ibyiciro binyuranye kuva ku mpinja kugeza ku bana b'abanyeshuli mu mashuri abanza n'ayisumbuye.

Abana hamwe n'uburere busanzwe, batozwa n'imikino inyuranye hamwe n'imyidagaduro ndetse n'itorero ABAKESHARUGAMBA cya BENEBIKIRA rikunze gutumirwa kwizihiza ibirori.

II.6. ABANA RWANDARWEJO

* Mu mugi wa RUHENGERI naho hari abana bazwi kw'izina rya MAYIBOBO aribo RWANDA-RWEJO. Umubare wabo ntuzwi neza kuko ntabarura rirakorwa ariko biragaragara ko ari benshi.

* Umuryango wa CARITAS mu RUHENGERI wagerageje kwegera bamwe muri abo bana babashyira mu mazu ya diyoseze yari amashuri ataratangira. Uburyo abo bana bafashwe ntibushimishije kuko bitababuza gukomeza kuba inzererezi.
Usanga baza mu kigo baje kwishakira ifunguro rya kumanywa bagasubira kwizererera.

Umubare muto niwo ucumbikirwa kandi abaraye ntibagira abarezi babitaho kuko bitahira hakarara gusa abazamu. Bikomeje bityo byatuma n'abatari mayibobo babazo kuko hari abava iwabo bakurikiye ibiryo bagaburirwa.

Nabajije niba bafite icyemezo cyo gushinga icyo kigo barakibura. Mbasobanulira ko bagomba kwerekana gahunda yabo ku rwego rw'igihugu rushinzwe RWANDARWEJO. Babashima bagahabwa uburenganzira.

.../...

Nabasabye kandi ko bajya bangezaho raporo y'imikorere yabo ariko byose ntibyakozwe.

ICYIFUZO cycu n'uko Ministeri y'Urubyiruko,Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yagenera RUHENGERI ikigo cyo kurereramo abo bana kuko batamerewe neza kandi ari benshi.

## II.7.AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO

Ku byerekeye amashyirahamwe y'urubyiruko usanga atari menshi ugereranije n'ay' abakuze.

Ahamini ayo mashyirahamwe agamije ubuhinzi. Ayo nayo agahura n'ikibazo cy'ubutaka budahagaje.

Ku butaka bwari busanzwe ari buto hiyongereyeho ko n'aho amakomini yajyaga asokesha yagiye ahabwa abantu batahutse bakahagira amasambu.

Mubyo tubakangurira harimo n'uko bashinga amashyirahamwe y'ubukorikori. Umwaka w'1997 urangiye amashyirahamwe y'urubyiruko atifashe neza bitewe n'ibibazo by'umutekano muke hamwe n'inzara.

## II.8. IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO

Imiryango y'urubyiruko(Mouvement de jeunesse) igwiriye cyane cyane mu bigo by'amashuli yisumbuye hamwe na muri za misiyoni nk'Abasaveri n'aba scouts. Iyi miryango y'urubyiruko n'ubwo ikora usanga nta ngufu kuko iyo abanyeshuli bagiye mu kiruhuko umuryango usa n'usenyutse kuko aribo baba bawugize gusa.

Umuryango wa scouts ufite ikigo muri Komini KIGOMBE, segiteri CYUVE. Icyo kigo cyari gitangiye gusubukura imirimo cyakoraga mbere y'intambara yerekeye uburezi ariko ubu cyarahagaze kubera umutekano muke.

# III. IMIKINO

## a. IMIKINO Y'ABASIVIRE (Sport civil)

### 1. Umupira w'amaguru (Foot-ball)

Mu RUHENGERI dufite ikipe imwe yo mu cyiciro cya mbere ku rwego rw'igihugu (1ere division) ikaba yitwa VOLCANIC GORILLAS ariyo yitwaga VOLCANIC-LIONS. HAkaba n'indi y'ishuli ry'abajandarume (EGENA) iri mu cyiciro cya kabiri (2e division). Iyi kipe yavuye mw'irushanwa kubera impamvu z'umutekano. Andi makipi ni ayo ku rwego rwa Komini aho buri Komini ifite ikipe iyiserukira.

AMARUSHANWA:

F.B. Irushnwa ry'umupira w'amaguru mu makomini.

Muri uyu mwaka w'1997 hakozwe amarushanwa y'amakomini mu mukino w'umupira w'amaguru. Amarushanwa yatangiye mu kwezi kwa gatatu, akarangira tariki 15/8/1997, ariho hakinwe umukino wanyuma wirangiza(final Intercommunal), umukino wabereye kuri stade Regional mu RUHENGERI ukaba wari wahuje amakipe abiri yari yarushije ayandi ariyo KIGOMBE na NYAKINAMA.

Aho KIGOMBE yatsinze NYAKINAMA ibitego 3 kuri 1 maze KIGOMBE habwa igikombe.

2. UMUPIRA W'AMABOKO(VOLLEY BALL)

Kubirebana n'umupira w'amaboko V.B. mu RUHENGERI hari hamaze gushingwa ikipe R.V.C (RUHENGERI Volley ball club). Iyo kipe yashinzwe n'inama yo kuwa 15/05/1997 itorerwa na komite y'agateganyo.

R.V.C. yari ikipe ihagarareza kuko no mu marushanwa yabereye i KIGALI yateguwe na Federation de volley yafashe umwanya wa kane.

Kubera ko ahanininì abenshi mu bakinnyi bari abanyeshuli ba EGENA kandi n'abandi bakinnyi baratorezwaga muri icyo kigo. Aho ishuli rihagarikiye amasomo kubera impamvu zo gushaka kugarura umutekano . Byabaye ngombwa ko R.V.C. isa n'isenyutse.

Mu makomini ho uyu mukino urahari ariko nturatera imbere ugeranije n'uwa maguru (F.B.).

Usanga akenshi abafite ubumenyi bwarwo ari bake kandi n'ibikoresho nk'inshundura (filet) biruhije kuboneka.

Iyo mikino uyisanga cyane cyane ahegereye umurwa wa Komini cyangwa ku bigo by'amashuli yisumbuye.

3. UMUPIRA W'INTOKE(BASKET-BALL)

-Hano mu RUHENGERI hari amakipe abiri ya B.B :

- R.B.C. (RUHENGERI BASKET-CLUB)
- Ikipe y'ishuli rya Janderumeri (EGENA)

Kubera ibabazo by'umutekano nayo ntiyagaragaye muri uyu mwaka 1997.

4. IMIKINO MU MASHULI.

I.1. Mu mashuli abanza

Mu mashuli abanza hakozwe irushanwa ry'umupira w'amaguru (foot-ball) ryahuje uturere tw'amashuli (secteur scolaire) 16 tugize ifasi ya RUHENGERI.
Amakipe y'uturere tw'amashuli amaze gukuranamo iyarokotse ni KIGOMBE itsinze NDUSU ibitego 3 kuri 2., hari atarki 14/5/1997.

Iyi kipe ya KIGOMBE niyo yahagarariye RUHENGERI ku rwego rwa zone ikaba yarahuye na NYAMYUMBA ya GISENYI kuri stade ya GISENYI tariki 18/5/1997.

Iyi kipe yahagarariye RUHENGERI niyo yatsinze biyihesha itike yo gukina 1/2 mu rwego rw'igihugu mu mikino yabereye i GITARAMA tariki 25/5/97.

.../...

I.2. MU MASHULI YISUMBUYE

Mu mashuli ya RUHENGERI niyo yitabiriye irushanwa. Yagabanijwemo uturere 5.
Imikino barushanijwemo:

a)Abakobwa : V.B/b.B. na Athletsime

b) ABAHUNGU : F.B/V.B/B.B. na Athletisme.

Muriyi mikino yose amakipe yatsindiye guhagararira ifasi ya RUHENGERI n'aya :

a) Abakobwa : Volley-ball G.S. RWAZA
: Basket-ball G.S. RWAZA

b) ABAHUNGU : Foot-ball : Ecole Islamique RUHENGERI
Volley-ball: MUSANZE
Basket-ball : Petit Seminaire NKUMBA.

-Imikino ku rwego rwa ZONE (RUHENGERI-GISENYI) yakiniwe mu RUHENGERI.

Abakobwa : B.B. G.S. RWAZA yatsinze College INYEMERAMIHIGO ibitego 21 kuri 17.

V.B. G,S. RWAZA yatsinze G.S. RAMBURA 3 sets ku busa,

ABAHUNGU

F.B. ESISE -GISENYI yatsinze ESIR (RUHENGERI) ibitego 6 kuri 4.

V.B: ESISE (GISENYI) yatsinze G.S. MUSANZE amaseti 3 kuri 2.

B.B. Petit seminaire NKUMBA yatsinze college INYEMERAMIHIGO ibitego 41 kuri 37.

Amakipe yatsinze niyo yaserukiye akarere ka GISENYI-RUHENGERI muri 1/2 cy'irangiza ry'amarushanwa ryabereye i BUTARE 31/7/97.

5. IMIKINO NGORORA ~~NGINGO~~:

a) Abahungu n'abakobwa

Ibigo by'amashuli bitabiriye iyo mikino ku rwego rwa Zone ya RUHENGERI ni ibigo bikurikira : 1.G.S, MUSANZE
2. G,S, de KIGOMBE
3. WAAA /RUHENGERI
4. Ecole Islamique RUHENGERI
5. G.S. RWAZA
6. Seminaire nto NKUMBA.
7. APROSEC KIDAHO
8. FIC ADEBU KIRAMBO

.../...

b) UKO BARUSHANIJWE MU IJONJORA (Abatsinze)

| METERO | IGITSINA | AMAZINA | IKIGO | -IGIHE |
|---|---|---|---|---|
| 100 | ABAHUNGU | NYANDWI Nadjib | G.S. de KIGOMBE | 11"84 |
| | | KAZIMANA Paul | G.S. de MUSANZE | 11"87 |
| | ABAKOBWA | AKINGENEYE M.Grace | G.S. de RWAZA | 14"07 |
| | | MUHAWENIMANA Olive | G.S. de RWAZA | 14"10 |
| 200 m | ABAHUNGU | MUTANGANA Leon | Ecole Islamique | 25"88 |
| | | GASHAGAZA Fiston | Ecole Islamique | 26"00 |
| | ABAKOBWA | MUKARUKUNDO Sabine | G.S. de RWAZA | 32"11 |
| | | MUKANDAYAMBAJE L. | G.S. de RWAZA | 32"24 |
| 400 m | ABAHUNGU | MUTANGANA Leon | Ecole Islamique | 57"00 |
| | | NIBISHAKA Emmanuel | Petit Sem. NKUMBA | 58"32 |
| | ABAKOBWA | MUKAMAJYAMBERE O. | G.S. de RWAZA | 1'13"02 |
| | | N.BWUMVUNABAKE,C. | G.S. de RWAZA | 1'14"48 |
| 800 m | ABAHUNGU | NSENGIYUMVA Aimable | APROSEC KIDAHO | 2'14"00 |
| | | KAYITABA J.M.V. | Ecole Islamique | 2'19"63 |
| | ABAKOBWA | UWIZEYE Chantal | G.S. de RWAZA | 2'45"47 |
| | | URAYENEZA Leonala | G.S. de RWAZA | 2'45"56 |
| 1500 | ABAHUNGU | NUSEMINALI Theogene | APROSEC KIDAHO | 4'38"00 |
| | | MUJYANAMA Denys | ESSA RUHENGERI | 4'41"44 |
| | ABAKOBWA | KAMARABA Odette | G.S. de RWAZA | 5'41"00 |
| | | NYIRABAZUBA Eugenie | G.S. de RWAZA | 5'41"97 |
| 3000 | ABAKOBWA | MUKARUTABANA Vestine | APROSEC KIDAHO | 12'38"00 |
| | | MUSABYIMANA J.D'ARC | APROSEC KIDAHO | 12'40"51 |
| 5000 | ABAHUNGU | SISI Dieudonne | G.S. de KIGOMBE | 17'14"00 |
| | | HATEGEKIMANA Emmanuel | G.S. de KIGOMBE | 17'23"00 |
| | ABAKOBWA | N.MBANGUTSE Brigitte | G.S. MUSANZE | 20'23"00 |
| | | KAMARABA Odetta | G.S. de MUSANZE | 20'40"00 |
| 10 000 | ABAHUNGU | NDAGIJIMANA J.Bosco | APROSEC KIDAHO | 35'19"00 |
| | | MUNYAMASHULI Anaclet | APROSEC KIDAHO | 39'49"00 |

.../...

| METERO | IGITSINA | AMAZINA | IKIGO | IGIHE |
|---|---|---|---|---|
| R4 x 100 m | ABAHUNGU | RUBERA Simon | | |
| | | NKERAGUTABARA Jerome | Petit sem. | 40"53 |
| | | DUSABE Telesphore | de NKUMBA | |
| | | NZAHABWANIMANA Alexis | | |
| | ABAKOBWA | MUHAWENIMANA Placidia | | |
| | | UWABABYEYI Solange | G.S. RWAZA | |
| | | MUKAMAZERA Jolise | | |
| | | JAMBORYIMANA Winiflide | | |
| R4x400 m | ABAHUNGU | NGANIZI Cyprien | | |
| | | MWIZERWA Jules | Petit seminaire | 4'1"43 |
| | | NIZEYIMANA Damien | de NKUMBA | |
| | | NIYIGENA Frasme | | |
| | ABAKOBWA | NYIRABANTU Clotilde | | |
| | | DUKUZUMUREMYI Beatha | G.S. de RWAZA | 4'19"00 |
| | | NYIRIMANA Pelagie | | |
| | | AKINGENEYE M.Grace | | |
| Triple Saut | ABAHUNGU | NDINDIBIJE J.Paul | Petit Seminaire | 10.95m |
| | | ZAYIRE Fidele | NKUMBA | 9.80 m |
| Saut a Longueur | ABAHUNGU | NIBISHAKA Emmanuel | " | 5 m 60 |
| | | NDINDIBIJE J.Paul | " | 5m 45 |
| PING PONG | ABAHUNGU | NSENGIMANA Theophile | | |
| | | NKURUNZIZA J. de la Paix | FIC ADEBU | |
| | | | KIRAMBO | |
| | ABAKOBWA | UKUNDASE Ilidia | " | |
| | | NIYONIRINGIMA Theodosie | " | |

--------------- ---------------------- --------------------

6. UMUCO

Mu rwego rw'umuco twavuga ibyerekeye imyidagaduro.

-Nk'uko byasabwe ko buri Komini yagira itorero byari byarakozwe iretse ko ibibazo by'umutekano bituma ahenshi hatagikorwa imyitozo.

-Ku rwego rwa za segiteri naho hari amatorero akaba yaradohotse.

Itorero ABIYUNZE rya Komini RUHONDO niryo ryahagarariye RUHENGERI mu marushanwa ku rwego rw'igihugu.

Intore za NKULI zatumiwe mw'isoza ry'ingando ku CYIMIRONKO n'i RUNDA muri GITARAMA.

Mu bitaramo byo kwamamaza amahoro n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, habanje gukorwa ijonjora tariki 17/8/97 ryahuje amatorero n'abahanzi ku giti cyabo.

Kuwa 8/9/97 ariwo munsi wahariwe umuco hamwe n'umunsi wo kwigisha gusoma no kwandika, wizihijwe n'ibirori by'amatorero n'abahanzi bashimwe mw'ijonjora twavuze haruguru.

Hahataniwe batandatu ba mbere:

| | | |
|---|---|---|
| 1er. | NDARAMA J.Caude Komini | MUKINGO |
| 2e. | NTAMUKUNZI " | RUHONDO |
| 3e | ABIYUNZE itorero rya | RUHONDO |
| 4e. | ABAJYANAMA " " | NKUMBA |
| 5e. | MWITENAWE Augustin itorero rya | NYAMUTERA |
| 6e. | INYANGE itorero rya | KIGOMBE. |

Mw'ijambo Bwana Perefe yagejeje kubitabiriye uwo munsi mukuru yavuze ko uwo munsi ubaye umunsi mukuru wa mbere w'Ubumwe n'Ubwiyunge mu RUHENGERI.

Andi matorero ..akunze guseruka ku munsi mukuru no mu birori nk'ubukwe aboneka mu mugi wa RUHENGERI ni :

-ABATANYURANYA

-INKESHARUGAMBA

-ABATONI.

ICYIFUZO:Ministeri yategura mahugurwa yakorerwa ba Ankadereri hamwe n'abayobozi b'amatorero.

7. KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

Mu RUHENGERI hari ibigo bitatu byahoze byigisha imyuga iciriritse (C.F.J.) aribyo : -C.FJ. KABONA Komini CYERU

-CEFMIVA Komini RUHONDO

-C.FJ. MUKINGO " MUKINGO

Ibyo bigo byose ntibirasubira gukora kandi bikeneye gusanwa mbere y'uko byakoreshwa.

Abanyeshuli baturuka RUHENGERI bajya kwiga i KAVUMU hakiriwe mu cyiciro cya mbere abasore babiri, umwe mu bukanishi n'undi mu bushoferi kandi baratsinze.

.../...

* 8. INGORANE N'IBYIFUZO

1. INGORANE:

-Kubera ibibazo by'umutekano muke urangwa mu karere ka RUHENGERI byadindije imirimo.

-Kubura ibikoresho byerekeranye n'imikino

-Kuba Amakomini menshi atanu kuri 16 atakigira b'Ankadereri.

2. IBYIFUZO:

-Kutubonera ibikoresho ari iby'imikino ndetse n'ibyo mu biro n'impapuro zahabwa b'Ankadereri ba za Komini.

-Gushyira b'Ankadereri ba Komini mu bakozi bwite ba Leta.

-Kugenera b'Ankadereri n'urubyiruko amahugurwa.

REPUBLIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
SIPORO, UMUCO NO
KWIGISHA IMYUGA ICIRILISTE
PREFEGITURE KIBUYE.-

Kibuye, le 3/03/1998.

N° 141/15.03/06

Souhaits
1. Matériel de sport
2. Terrains dans les communes.
26.5.98

A traiter par ...
Date entrée : 27/03/98
N° Classement : 6111/24

Bwana Ministre ;

Dushimishijwe no kubohererereza ku mugereka w'iyi barwa Roporo y'Umwaka 1997.

Dushimiye uko mubyakiliye.

Services Décentralisés
Pour exploitation
Info Planif
31.3.98

BAHATI Alexandre
UMUYOBOZI W'URUBYIRUKO
SIPORO, UMUCO NO
KWIGISHA IMYUGA ICIRILISTE
Prefegitura KIBUYE.

REPUBLIQUE RWANDAISE
ENCADREMENT PREFECTORAL
MIJEUMA

Sport civil
Exploitation & documentaires
28/5/98

-Bimenyeshejwe :

- Bwana Prefe
wa Prefegiture KIBUYE.-

R A P O R O . -

URUBYIRUKO.-

MU RWEGO RW'URUBYIRUKO MURI PREFEGITURE YA KIBUYE.-

Ubu Inzego z'urubyiruko mu ma Segiteri na Commune zirahali, izo mu maselire, dusanga kenshi zidakora kubera kubura Sensibilisation nko muzo mu ma Segiteri ibyo kenshi batubwira ko: nta mpapuro, amakaramu bagira iyo bajya gukora Raporo mu ma nama ngo batange Raporo ariko cyane tukaba tuzisabira amahugurwa n'Ingando kuko alibyo bibahuza bikagaragaza n'ibikorwa byabo, ndetse n'ibitekerezo byabo bikamenyekana.
Amashyirahamwe y'Urubyiruko muli rusange ni 54 akomeye cyane akaba ali abili,

Akaba ari ayu Ububaji:

AJEM yo muli Gitesi n'ilindi liri muli Segiteri Rukoko Komini Kivumu ibibazo hafi ya bose bafite ni ukubura inkunga z'ibikoresho.

RWANDA RWEJO.-

Mu ma Komini menshi ya KIBUYE hali abana benshi bandagaye, igikorwa cyo kubashyira hamwe, kubashakira imilimo kenshi gikunze kunanirana cyane ko ali nta bagiraneza bakorera muli iyi Prefegitura abo tumaze kubona umubare ni muli Mwendo, Bwakira, Gitesi, Mabanza na Gisovu bakaba ali MAGANA ATANU NA MIRONGO ITATU.
Tukaba dusaba ko Ministeri yakohereza intumwa zigafata Ingamba zifatanije na Prefegitura aho kugira ngo ibibazo birusheho kwiyongera.

Mu rwego rw'Urubyiruko tulibutsa na none ko habayeho ingando z'abanyeshuli batahutse zabereye, Inyamishaba; zikaba zaratangiye kandi zigasozwa neza.
Gusa tuributsa ko Ministeri yazazana ibikoresho by'iyo ngando intumwa yayo yatwaye by' amajerikane ya Komine Gitesi ubwo rero ayo majerikane Commune Gitesi ikaba iyashaka.
Komine ikaba yarafashe ibice by'Ingunguru 8 n'utujerikane tumwe duto twa plastic twuzuye ibisanduku bibili.
Muli Encadrement hakaba hali amatara 8, amenshi yarononekaye, tuzayagaza kuli Ministeri ari uko tubonye imodoka yayadutwaza.

Ku bijyanye na Abanyeshuli batahutse ahenshi mu ma Komine barahari kandi benshi ubwo rero turasaba ko za gahunda z'Ingando zakomeza

Imilyango y'Urubyiruko ni ukuvuga

- Aba Scout, aba Guide, aba Saveri n'abandi ntibakora neza iyo wegereye ababahagarariye muli Komine na Prefegiture usanga abo ku KIBUYE batali bafata umurongo bagenderaho.

UMULYANGO NYARWANDA AJEMAC

Ajemac n'Umulyango nyarwanda witwa ko ukorana n'Urubyiruko rwa Komine Mabanza.

Aliko twasanze mu byo ukora byose nta rubyiruko ukorana narwo kandi umulyango alibyo w'Iyitirirwa, usanga Imikorere Inyuranye n'uko umuntu atekereza ko yari kuba akora.
Afite ibikorwa limwe na limwe yerekana ugasanga bifite akamaro aliko kuba yakorana

na Ministeri technique MIJESCOFOP ukabura aho bihuriye ndetse n'urwo rubyiruko bakorana ntarwerekane cyane ko na Encadreur wa Komine ataruzi.

Ibi tukazatanga raporo y'Ihariye ubutaha amaze kutugaragariza byimazeyo imikorere ye.

UBUZIMA BW'URUBYIRUKO.-

Buli wa gatanu w'Irangiza ry'ukwezi iyo dukoranye inama buri gihe bavuga cyane k' ubuzima bw'urubriruko aha twavuga ubukene butera ubuzima bubi, indwara zandurira mu myanya mpusa bitsina, ndetse na SIDA aha twabigejeje k'Ushinzwe Ubuzima bw'Urubyiruko muli MIJESCAFOP KIGALI.

Bwana MUSEMANKWELI atwemerera ko agiye kudushakira imilyango ntera nkunga urwo Rubyiruko rugahugurwa kugirango babashe kugerageza kwifata.

IMYIDAGADURO N'UMUCO.-

Mu by'ukuli buli Komine ifite Itorero ( ballet Communal ).

Aliko ilimaze gutera imbere ni ilya Gitese Commune Gitese " Indashyikirwa " lisohotse kenshi liserukira KIBUYE kandi rigatahana amanota meza, akaba ali ryo mu mwanya tutali twabona ubushobozi bwo gufata abavuye hirya no hino babahanga twemeje guserukira KIBUYE kuko likunze gutsinda amarushanwa yateguriwe ku KIBUYE.

Hari na Orchestre y'Urubyiruko rw'I Rwamatamu icuranga ariko ikaba ibuze ibikoresho.

UMUCO.-

K'UMUCO ~~turasaba~~ turashaka ko MIJESCAFOP yadufasha mu kubaka iliya Monimat de Resistance ya BISESERO Commune Gishyita.-

Inzibutso ndangamurage ziboneka Komine Mwendo.

1. Ubuvumo bwo mu nsura babiri secteur Mutuntu : Kuhuhirira Inka za Ruganzu
2. Imanga ya Budiridiri Secteur Rucura
3. Ikibugurizo cya Ruganze Secteur Nganzo
4. Ingendo mbi za Rubaba Secteur Biguhu Milieu tourstique

Memorial du Genocide.

- Komine Mwendo : Secteur Gashali
- Bwakira : Secteur Nyabiranga
- Gitesi : Secteur Bwishyura hafi ya Stade Gatwaro hashyinguwe abarenze IBIHUMBI CUMI 10.000 Personnes.

RAPORO Y'INGANDO Y'ABAKOZI Y'I RUNDA I GITARAMA.-

Iyo ngando yari igizwe na bakozi bavuye muli Prefegitura ESHATU GITARAMA, KIBUYE, CYANGUGU aliko hiyongereyeho n'abanyeshuli : amazina yabo, ababyeyi Segiteri Commune, amashuri; aho bari bahungiye tugiye kubibagezaho, ibyo bize n'Ikibazo cyabakoreye abandi batinye kuhagera ni byo bikulikira uru rupapuro:

Ingando yatangiye kuya 22/10/97 - 18-11/97

igizwe n'abanyeshuli 218; abakozi 607 bose hamwe ni 825 abakorewe n'aba bakurikira:

1. NDAYISABYE Emmanuel Commune Gisovu
2. RUKUNDO Jean Bosco Commune Rwamatamu
3. MUHAYIMANA Samuel Commune Gisovu
4. MUNYANDEKWE Jehovanis.

Naho ubundi ingando yatangiye neza usibye Ikibazo cy'Imvura na cheeting babanje kubura nyuma gato ziraboneka kandi igenda neza kugeza irangiye.

Ingando yashojwe na Bwana Ministre w'Urubyiruko Umuco, Siporo no Kwigisha imyuga Icirilitse aboneraho n'umwanya wo guhemba ababyeyi babyariye muli iyo ngando inka ICYENDA z'ababyeyi

Buri wese yatahanye amafranga IBIHUMBI MIRONGO ITANDATU Mu gaciro kiyo nka.

AMASOMO YATANZWE.

## AMASOMO YATANZWE

1.Umusogongero w'amasomo

2. Imibereho n'imibanire y'imiryango y'abantu

3.Amateka y'u Rwanda

4.Politike mpuzamahanga

5.Itsembatsemba n'itsembabwoko

6.Ubukungu bw'igihugu

7.Ubutabera mu Rwanda

8.Uburenganzira bw'ikiremwamuntu

9.Amahame ya Demokrasi

10.Umuco w'amahoro wo kworoherana

11. Uruhare rw'abanyarwanda mu kubumbatira umutekano

12.Uruhare rw'urubyiruko mw'iterambere ry'igihugu

13.Uruhare rw'Uburezi mw'iterambere ry'igihugu

14.Uruhare rw'umuco mw'iterembere ry'igihugu

15.Uruhare rw'itangazamakuru mw'iterambere ry'igihugu

16.Uruhare rw'amadini n'imiryango yigenga mu kubaka igih ugu

17.Gahunda ya Guverinoma y'Ubumwe bw'Igihugu

IMYUGA ICIRIRITSE.-

II UKO IMYUGA ICIRIRITSE Y'ITABIRWA.-

Ku KIBUYE ubu nta ikigo na kimwe cyigisha imyuga usibye icyi Rwamatamu cyaba Pentecote Ikarengera gishaka kuzatangira vuba aliko nabo usanga nta bushobozi buhagije bafite.

Inshingano bafite ni: Ukubaza, Kudoda, Ubuhinzi no Guteka.

Gishobora kwakira abana 125 kigitangira.

IKIGO CY'INYAMISHABA.-

Kili mu Mujyi wa KIBUYE (a deux kilometres) bibili uvuye kuli Stade Regional KIBUYE.

Ikigo cy'Inyamishaba ni ikigogishobora kwakira abana bagera ku 1.500 IGIHUMBI MAGANA ATANU.

Mbere cyali icya mashuli aliko ubu cyatangiye gusanwa kubera amasezerano Perefegitura yagiranye na Solidalite socialistekubera impamvu z'Urubyiruko rwa KIBUYE rudafite aho rwigiraImyuga iciliritse.

Aha twavuga Urubyiruko rwacikije amashuli nabatarabashije kwiga niyo mpamvu ikigo kiliho gisanwa.

Byaba byiza na Ministeri imenye ayo masezerano kugirango niba hali nk'Ikibazo gishobora kuba cyavuka haba muli Ministeri y'Uburezi cyangwa ahandi hose, Ministeri idufashe mu gushyigikira icyo gitekerezo cyiza gifasha Urubyiruko rwa KIBUYE ~~rwuli~~ ruli mu bwigunge kubera kutiga.

Byarushaho kudushimisha kugirango icyo cyifuzo cyacu gishoboke; ndumva Ministeri yasaba Perfegitura amasezerano bakoranye n'abo babiligi ( solidalité socialiste ) noneho Ministeri y'Urubyiruko imaze kubona izo nyandiko ikumvikana n'iy'~~Urubyiruko~~ Uburezi ndetse na ba [illegible] bacyubatse, niba ali ngombwa.

Hali n'Ikindi kigo cya Gishyita cyahoze aliC F J nicyo twaterezaga kuzasana aliko ni cyo cyononekaye cyane kurenga icy'Inyamishaba.

Nanone kuli icyo kigo, mpærutse kujyayo bambwirako hali abantu bari konona Ibisigaye urugero: Kwiba amadirishya, planches ( Imbaho ), Insinga zinjiza amashanyarazi mu kigo. Bamaze kubimbwira nashatse Bourgmestre w'iyo Commune n'Umuyobozi w'Ingabo mbabwira n'abashobora kuba bakekaho ayo makosa nali nahawe na Encadreur wa Komine Gishyita.

Banyijejeko bagiye kubikurikiranira hafi.

Hali Ikindi kigo cyari cyatangiye kwigisha ibisa n'Imyuga iciliritse aliko mu buryo budafututse, tubabajije imikorere yabo dusanga ali imyuga bali kwigisha koko aliko mu buryo bùtali bùzwi na Komine na Perfegitura, nyuma baje kuduha ibyifuzo ko bagihagarika bakabisaba Ministeri ibishinzwe kuko nta handi bazakura ibyemezo byabo bana.

Icyo ni ikigo cyari gishyigikiwe na ASEAO Wihogora tel 72.660 KIGALI.

IBIGO BISHOBORA GUTANGIRA GUKORA BITONONEKAYE

| IKIGO | COMMUNE | ICYO GIKORA |
|---|---|---|
| Nyagatovu | Gitesi | --- |
| Mukungu | Mwendo | |
| Karengera | RWAMATAMU | Imyuga Icirilitse |
| Gakuta | Gisovu | - |
| Fumba | Gisovu | |
| Rubengera | Mabanza | --- |
| Mushubati | Mabanza | ---- |
| Kongo Nil | Rutsiro | ---- |
| CERAI Birambo | Bwakira | Imilimo ya LWF |

# IMIKINO.

Mu rwego rw'Imikino Urubyiruko rwa KIBUYE muby'ukuli rufite ubushake, aliko hali ibikoresho bike kubera iyo mpamvu bamwe bakunze gucika Intege.
Aliko dukunze gukoresha za Tournoi muli F.B ndetse n'imikino myinshi ya Gishuti kuli B.B ; V.B na F.B.

Mu rwego rwa F.B duherutse gukora Tournoi ya kabili Muri uyu mwaka 1997 ya ma Komine yose ya KIBUYE.
Komine zagiye muli iyo mikino : Gitesi, Gishyita, Rwamatamu, Gisovu, Bwakira, Mwendo na Mabanza. Izabonye ibihembo ali nazo zabaye iza mbere :

Iya mbere yatwaye igikombe cyatanzwe na MIJESCAFOP ni kipe ya Komine ya Rwamatamu, Iya kabiri yatwaye imyenda yo gukinana yatanzwe na O.N.G COOPI . n'Ikipe ya Komine Bwakira.
Ikipe imaze imyaka itatu itajya mu marushanwa n'Ikipe ya Komine Rutsiro.
Indi itaragiye muri Tournoi yuyu mwaka 1997 ni [illegible] IKIPE ya Komine Kivumu .

Ibibazo za ENCADREMENTS za Komine bafite ni ibibuga bya V.B na B.B na H.B ndetse na Ping Pong.

Usanga gusa biri ku Ibigo by'amashuri.-

Kugirango Urubyiruko rundi rubashe kwidagadura kuri ibyo bibuga ugasanga [illegible] bitoroshye kuhagera,

Mu rwego rw'Amashuri

Uko Imikino yitabiriwe nuko yagenze.

# IMIKINO.

## Rapport ya Championnat y'Umupira wa maguru mu mashuli.

### I. TRONC-COMMUN( 1e,2e,3e)

| Date | Poule | Discipline | Equipes | Gagnante | Score | Terrain |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 15.6.97 | A | Foot | E.S Gasenyi contre G.S Gisovu | G.S Gisovu | 1-0 | Mukungu |
| 15.6.97 | B | Foot | E.D.A contre Urumuli | E.D.A Birambo | 8-1 | Birambo |
| 20.797 | A | Volley | E.T.O contre Gasenyi | E.T.O Kibuye | 3-1 | Gisovu |
| 15.6.97 | B | Volley | E.D.A contre Urumuli | E.D.A Birambo | 3-1 | Birambo |
| 20.797 | A | Foot | E.T.O Kibuye contre G.S Gisovu | E.T.O Kibuye | Fourfait 5-0 | Gisovu |
| 21.6.97 | B | Foot | E.D.A Birambo contre EAV | E.D.A Birambo | 7-1 | Birambo |
| 7.9.97 | Finale | Volley | E.T.O Kibuye contre E.D.A Birambo | E.T.O Kibuye | 3-0 | Kibuye |
| 7.9.97 | Finale | Basket | E.T.O contre E.D.A Birambo | E.T.O Kibuye | 29-28 | Kibuye |
| 7.9.97 | Finale | Foot | E.T.O contre E.D.A Birambo | E.T.O Kibuye | 4-2 | Kibuye |
| | | | Pour les filles (Tronc-commun) | | | |
| 15.6.97 | B | Volley | E.D.A contre Urumuli | E.D.A | 3 -1 | Birambo |
| 3.8.97 | B | Volley | URUMURI contre Gasenyi | URUMURI | 2-0 | Birambo |
| 7.997 | Finale | Volley | E.D.A contre URUMULI | E.D.A | 2-0 | Kibuye. |

II CYCLE COMPLET OU CYCLE SUPERIEUR ( 1,2; 3-6e)

| Date | Poule | Discipline | Equipes | Gagnante | Score | Terrain |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 22.6.97 | A | Foot-ball | Rubengera contre Bumba | Rubengera | Fourfait 3-0 | Rubengera |
| 29.6.97 | A | Foot-ball | E.S.I Kilinda et I.P.K Kilinda | I.P.K Kilinda | 6-3 | Karambo |
| 25.6.97 | B | Foot-ball | E,T,0 contre E,N.P Nyange | E.T.0 Kibuye | 8-0 | Nyange |
| 25.6.97 | B | Foot-ball | ESAPAN et E.S.I Mugonero | ---------- | --------- | Mugonero |
| 25.6.97 | A | Basket | E.T.0 et E.N.P Nyange | E.T.0 Kibuye | 72-27 | Nyange |
| 25.6.97 | B | Basket | E.S.I Kilinda contre I.P.K Kilinda | E.S.I Kilinda | 3-0 51-17 | E.S.I |
| 25.6.97 | A | Volley | E.S.I Mugomero et ESAPAN | ------ | ----- | Ngoma |
| 25.6. | B | Volley | E.S. Kilinda contre I.P.K Kilinda | E.S.I | 3-0 | E.S.I |
| 29.6.97 | B | Foot-ball | E.T.0 contre E.S.I Mugonero | ETO Kibuye | Fourfait 3-0 | Kibuye |
| 2.7.97 | A | Foot-ball | Rubengera contre I.P.K | Rubengera | Fourfait 5-3 | Birambo |
| 29.7.97 | A | Basket | E.T.0 et Rubengera | Rubengera | 46-41 | Kibuye |
| 29.7.97 | B | Basket | E.S.I Kilinda contre E.D.A | | | E.S.I |
| 6.7.97 | Finale | Volley | G.S Rubengera et E.S.I Kilinda | Rubengera | 2-0 | Kibuye |
| 6.7.97 | Finale | Basket | Rubengera et E.D.A Birambo | Rubengera | 29-25 | Kibuye |
| 6.7.97 | Finale | Foot | E.T.0 et Rubengera | E.T.0 | 3-0 | Kibuye |
| | | | Pour les filles ( Cycle complet) | | | |
| 6.7.97 | ---- | Volley | E.S.I Kirinda contre E.N.T kibuye | E.S.I Kirinda | 2-0 | E.N.T Kibuye |

Naho mu rwego rw'Amashuri mato ( Abanza ) iryabaye irya mbere n'Ishuli ry'Irwamatamu.
Ryasohotse i Gitarama ligira amahirwe make ntiryatsinda.

UKO IKIPE ISERUKIRA PREFECITURE YITWAYE MU IRUSHANWA Y'IKICIRO CYA MBERE.

| UMUKINO | IKIPE | | | IYATSINZE | IBITEGO | IKIBUGA |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Foot. | INTARE | contre | 31 F.C | INTARE | 2- 2 | Kibuye |
| Foot. | U.N.R | contre | 31 F.C | U.N.R | 1-0 | Kibuye |
| Foot | FLASH | contre | 31 F.C | FLASH | 3-1 | Gitarama |
| Foot | VOLCANIC | contre | 31 F.C | | 1-1 | Kibuye |
| Foot | RAYON SPORT | contre | 31 F.C | RAYON SPORT | 5-1 | Kigali |
| Foot | MUKURA | contre | 31 F.C | MUKURA | 2-1 | Kibuye |
| Foot | AIP.R | contre | 31 F.C | A.P.R. | 2-0 | Kigali |
| Foot | RWANDA | contre | 31 F.C | RWANDA | 3-1 | Kibuye |
| Foot | KIYOVU | contre | 31 F.C | KIYOVU | 1-0 | Kibuye |
| Foot | ETENSELE | contre | 31 F.C | ----- | 1-1 | Kibuye |
| Foot | LEOCALME | contre | 31 F. | ---- | 1-1 | Kibuye. |

Kubera Amanota make yagize bitewe n'uko aribo yari ikivuka kandi ifite abayoboke bake abo yali ifite batarashoboye kuyiserukira byimazeyo ariko ubushobozi bwayo iyi ikipe yali ifite turayishimira by'uwihariko kuko yabaye iya mbere mu mateka ya Kibuye igenda mu marushanwa y'ikiciro cya mbere mu Rwego rwi i Gihugu.

# IBIBAZO N'IBYIFUZO .

Ibibazo dufite ku KIBUYE bituma akazi katagenda neza ni ukubura uburyo tugera kuli terrain.
Dufite moto imwe ipfa buli munsi kubera umuhanda mubi, imaze imyaka irenga itatu, iyo tuyizanye i KIGALI ihamara amezi, wanayikulikirana bagakora ku buryo yaka gusa, bayigusubiza ntikugeze ku KIBUYE.

Icyo ni ikibazo kinini usanga cyishe akazi., mu buryo kugenda na maguru, udashobora kubona ni modoka utega biruhije, ndetse tugasa nababuze akazi kandi gahali.

Ikindi kibazo ni icyo kwigisha imyuga icirilitse ku KIBUYE n'ubuho tukili mu bwigunge bukomeye ; icyongerwaho ni Stade yasenyutse.

## IBYIFUZO

ni kimwe: Kudukemurira ibyo bibazo BITATU

- Kuduha Imodoka cyangwa ipikipiki nshya
- Kudushakira uko ibigo byasanwa bikigirwamo.
- Kudusanira Stade. Devis yayo ikazabagerahο vuba.

# IBYO DUTEGANYA GUKORA VUBA

Turateganya gufungura Ikigo cyo kwigisha Imyuga icililitse muli Komine Mabanza tubiteweno Inkunga na ARAMET ubu yarabitwemereye hasigaye kumvikana kubikenewe tukabimenyesha MIJESCFOP ikagisura kuko n'abanyeshuli bamaze kuboneka.

Hali n'ikindi kili muri Komine Mwendo gifite n'ibikoresho bike kandi kimeze neza nacyo hali O.N.G LWF twizeye ko izabidufashamo.

Tumaze kumvikana na H.C.R,Ubuyobozi bushya bushinzwe kubaka amazu yabatishoboye . Twemezanyije ko tuzakora vubaha ingando zigamije gufasha abadafite amazu kuyubaka tukaba twaremeje ko tuzatangirira muli Komine Mabanza ndetse igikorwa cyigenze neza bikazakomeza muyandi ma Komine.

Batwemereye kudutera inkunga muli ibi bikurikira:

- bazatanga ibiryo bizatunga urwo Rubyiruko, ni ukuvuga cyimwe cya gatatu cyibisabwa
- Amabati yayo mazu, imisumari, inzugi ndetse n'amadilishya
- kubyerekeye ibiryo badusabye ko twazatanga kimwe cya gatatu cyibisabwa, twabemereye ko tugiye kuzabisaba muli Minisiteri tukazababa igisubizo.

Kubyerekeye imikino twateguye gushyiraho Komite izayobora imikino n'imyidagaduro muli Perefegitura tudateze k'Ubuyobozi bushinzwe imikino gusa. Turabamenyesha/ko tumaze gushyikiriza Bwana Perefe raporo ibitegura tukaba dutegereje ko azatumira abo bantu batoranijwe (ibi tukaba twarabikoze twifashishije Sous-Perefe wa Affaires Sociales,n'amategeko agenga imikino).

Turateganya gukoresha amarushanwa anyuranye, imyidagaduro, imikino y'uburyo bwose nkuko twabyerekanye muli gahunda y'ibyo duteganya ,nkuko twabisabwe na Bwana Perefe. Tukaba dufite gusa icyibazo cy'ibihembo byayo marushanwa cyane ko ku Kibuye hadakunze kuba Imiryango ntera-nkunga.

Vubaha kuli 28/3/98 dufite irangiza ry'imikino twateguye mu rwego rwo kwakira Abayobozi bashya ba Perefegitura ya KIBUYE kugirango tubone uko n'umwanya wo kubabwira ibibazo by'Urubyiruko tuyobora ariko cyane kuberako ko tugomba mu rwego rw'imikino tunabasaba kuzafatanya natwe mubibazo byose biri muli uko karere, imikino twateguye niyi ikurikira: FB,BB,PP ikaba yaritabiriwe n'amakipe atanu ariyo icyipe ya Komine MABANZA , iya Komine GITESI, iy'Ikigo cy'ishuli cya ETO 31e F.C na Vedette du Lac. Abatsinze irushanwa BRALIRWA ikaba yaremeye kuzabakira ndetse n'Abayobozi bose bazaba bahari, tukaba tuboneye/ho n'umwanya wo kubasaba ibihembo by'abazatsinda.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

# RAPORO Y'UMWAKA 1997

***INTERURO***

Nyuma yaho habereye igenzura (Diagnostic) ry'ibibazo urubyiruko rw'u Rwanda rufite nyuma y'intambara n'itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri 1994, dore ko iby'ingenzi byagaragaye ari ibi bikurikira :

1. Ubwishishanye m'Urubyiruko
2. Ubukene m'Urubyiruko
3. Ubujije m'Urubyiruko
4. Kutiga
5. Imiryango y'urubyiruko yasenyutse
6. Ihahamuka
7. Gutandukana n'imiryango
8. Kuva mubyaro bajya mu migi
9. Imico itandukanye m'urubyiruko bishingiye aho ababyeyi babo bari barahungiye birimo no kutamenya igihugu.
10. Ubwigunge
11. Kutagira urubuga rwaho bagaragariza ibyo bifuza
12. Amashyirahamwe agamije kongera umusaruro atishoboye kandi anyanyagiye hirya no hino
13. Indwara zabibasiye nka SIDA, kunywa ibiyobyabwenge

Byabaye ngombwa ko hategurwa gahunda ikurikira :

1) Gushyiraho Inzego z'urubyiruko kuva kuri Selire kugera ku rwego rw'igihugu kugirango haboneke umuyoboro wacishwamo ibitekerezo byabo n'ukuntu bashyikirizwa ubutumwa bityo bakagira uruhare mu miyoborere y'igihugu no kwiteza imbere.
2) Gushyiraho gahunda yihariye yo kwita kubana batagira kivurira
3) Gushyiraho gahunda yihariye yo kwita kubuzima bw'urubyiruko.
4) Gushyiraho gahunda yihariye yo gufasha imiryango y'urubyiruko mukwivugurura no kubyutsa ibikorwa byayo.
5) Gushyiraho gahunda yihariye igamije guteza imbere uburere mbonera gihugu m'urubyiruko.
6) Gushyiraho gahunda yihariye y'ingando igamije gukusanya ingufu z'urubyiruko muguteza imbere ibikorwa by'amajyambere no kubaha urubuga rwo gusabana no kuganira n'abayobozi.
7) Kuvugurura gahunda yigishwa mu bigo by'imyuga kugirango ijyane n'igihe tugezemo ndetse no guhugura abarimu bigisha muribyo bigo.
8) Gushyiraho gahunda yihariye igamije gufasha no guteza imbere ibikorwa bigamije kongera umusaruro.
9) Gushyiraho gahunda yihariye igamije guteza imbere ubusabane n'ubufatanye bw'urubyiruko rw'u Rwanda ari mugihugu, mukarere no kw'isi hoze.
10) Gufatanya na Minisiteri y'Uburezi mugushyiraho ishyirahamwe ry'abanyeshuri kuva ku mashuri kugera ku rwego rw'igihugu rigamije guhuza ibitekerezo by'abanyeshuri n'izindi nzego z'urubyiruko ndetse n'iza Leta.
11) Gushyiraho Politike y'igihugu ireba urubyiruko.

## *I. UMUSHINGA W'UBURERE MBONERAGIHUGU*

### 1. IBYAKOZWE

Umushinga w'uburere mboneragihugu wakoresheje amahugurwa muri Perefegitura ya KIBUYE kuri E.T.O. Ayo mahugurwa yari yaratangiye tariki ya 28/12/1996 kugeza tariki ya 14/01/1997. Iryo hugurwa ryari rihuje abahagarariye urubyiruko n,amashyirahamwe mu makomini, abahagarariye urubyiruko muri za Segiteri, ndetse n'abaserukira imiryango y'urubyiruko nk'Abasukuti n'Abagide, bakaba bose bari bageze kw'ijana na mirongo irindwi (170).

Ibyo urwo rubyiruko rwahuguwemo ni :

- Urubyiruko mu majyambere y'igihugu
- Amateka y'u Rwanda
- Uruhare rw'Umutegarugori mu majyambere y'igihugu
- Uruhare rw'urubyiruko mu kwicungira umutekano
- Itangaza makuru
- Ibikorwa n'inshingano za CICIR
- Ubuyobozi na Demokarasi
- Inzego z'urubyiruko
- Uruhare rw'umuco mu majyambere
- Ubutabera
- Uburenganzira bw'ikiremwa muntu.

a) Amafaranga yakoreshejwe:

Kugirango iryo hugurwa rigende neza hakoreshejwe amafaranga ahwanye na 1.316.600 FRW.

### 2. IBITARAKOZWE BYARI BITEGANIJWE

Mu mwaka w'1997, hari hateganijwe amahugurwa y'urubyiruko ku burere mboneragihugu muri Perefegitura y'Umutara, Cyangugu na Gikongoro. Ayo mahugurwa ntiyashoboye gukorwa kuko hahise hatangizwa ingando z'abanyeshuri batahutse vuba mu maperefegitura yose zirangiye hakurikizwaho izindi ngando z'abakozi batahutse vuba.

Icyo gihe, ibikorwa by'umushinga w'uburere mboneragihugu byahise bikorerwa muri gahunda y'ingando, kuko usanga hafi inyingisho zose zatangagwa mu ngando arizo zigishwaga igihe cy'amahugurwa y'uburere mboneragihugu usibye ko ayo mahugurwa ya nyuma yahabwaga urubyiruko ruhagarariye urundi rubyiruko muri za segiteri,mu mashyirahamwe, mu makomini, mu miryango y'urubyiruko, bakazabigeza k'urundi rubyiruko baserukiye kandi bakagira suivi y'ibyo bikorwa.

Ibindi byari biteganijwe bitakozwe n'ihugurwa ry'Abayobozi b'urubyiruko ryari guhuza abayobozi b'urubyiruko bo mu maperefegitura yose bagera ku ijana na mirongo inanai (180) abo muri za Segiteri, mu miryango y'urubyiruko, amakomini, amashyirahamwe y'urubyiruko n'amatorero. Abaciye mu ngando bose hamwe bakaba bagera kubantu 44.500. N'ubwo gahunda yari iteganijwe itakurikijwe, ibyakozwe ni byinshi kandi byari bikenewe.

## *II. IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO IKORANA NA MINISITERI*

1. Umuryango w'Abaskuti (A.S.R)
2. Umuryango w'Abajoke (J.O.C)
3. Umuryango w'Abagide (A.G.R)
4. Umuryango w'Abasaveri (XAVERI)
5. Umuryango wa Y.M.C.A.mu Rwanda
6. Umuryango wa Enfance Rwanda (TURERERE U RWANDA)
7. Umuryango utabara imbabare mu Rwanda (C.R.R.J)
8. Umuryango wa (RYSBOC)
9. Umuryango uharanira kurenganura no guteza imbere urubyiruko rwacitse kw'icumu n'itsembatsemba (A.J.R.G.E) WISHAVURA
10. Umuryango wa Jeunesse Etudiante Chretienne du Rwanda (J.E.C)
11. Umuryango wa Jeunesse pour Christ au Rwanda (J.P.C.R)
12. Umuryango wa PAN AFRICAN YOUTH MOVEMENT (P.A.Y.M)
13. Umuryango wa MARTIN LUTHER KING (M.L.K.L)
14. Umuryango w'Abayisiramu mu Rwanda (A.J.M.R)
15. Umuryango Locanstitution de l'Association des Jeunes pour la promotion des droits de l'homme et du développement JIJUKIRWA.
16. Umuryango w'urubyiruko ugamije imizamukire y'abatishoboye Association pour la promotion de Batwa (A.P.B)
17. Umuryango w'urubyiruko ugamije guteza imbere ubworoherane (APRONAVI)
18. Association d'evangelisation en Afrique et dans le monde.

IBYAKOZWE MU MWAKA W'1997

Kuwa 16 Nzeli 1997 kucyicaro cya Minisiteri y'urubyiruko habereye inama abayobozi b'imiryango y'urubyiruko n'abahagarariye Minisiteri mu ma Perefegitura iyo nama yari igamije ibikurikira :

1. Gushyiraho umushinga w'urwego ruhuriweho n'imiryango yose y'urubyiruko
2. Kunononsora umushinga w'ihuriro ry'inzego n'imiryango yose y'urubyiruko.

Hakoreshejwe amafaranga mugufungurira abitabiriye inama, ibihumbi cumi n'umunani na magana ane (18.400 FRW). Ayakoreshejwe kugura ibikoresho bya biro: impapuro, amakaye, amakaramu n'itangazo, yari ibihumbi makumyabiri na kimwe magana inani (21.800 FRW) yose hamwe kuri uwo munsi yari 40.200 FRW.

Kuwa 23 Nzeli 1997 habaye inama y'abatowe bagize akanama gashinzwe kwiga ishyirwaho ry'urwego ruhuza ibikorwa by'imiryango y'urubyiruko hakoreshejwe amafaranga y'ifunguro saa munani yari (9.100 FRW) kubantu icyenda.

Kuwa 7/8/97 habaye inama yahuje abahagarariye imiryango yose y'urubyiruko mu Rwanda baboneyeho gutora team yo gutegura umushinga wa biro.

Hakoreshejwe amafaranga ibihumbi cumi na bitanu na magana atatu na mirongo itanu (15.350 FRW). Ku nama yaherutse yo gutora abakozi (staff) y'agateganyo y'abantu bane (4) n'abafasha ba Chairman hakoreshejwe amafaranga ibihumbi cumi na bine na magana atandatu na mirongo inani (14.680 FRW).

**YOSE HAMWE : 79.330 FRW**

IBIMAZE .KUGERWAHO N'UMURYANGO W'ABASKUTI BO MURI KOMINI MUDASOMWA - GIKONGORO (CRSD)

Nyuma ya 1994 : Baroroye kandi barahinga.

- Ibirayi , ibishyimbo, imboga
- Amatungo magufi, ihene n'inkwavu.
- Bafite ishyirahamwe ry'ababyinnyi n'abaririmbyi
- Barera imfubyi 25 zirimo Abaskuti
- Bacyinguye Account mu Bank y'abaturage Mudasomwa
- Imfubyi 23 zirererwa mu miryango y'Abaskuti
- Hari 40 ziri hanze
  Bose hamwe bakaba 63
- Bafite ishuri ryigisha gusoma no kwandika
- Bafite projeect construction latrine, muburyo bwo kurwanya umzwanda mubaturage.

IBIKORWA BY'URUBYIRUKO RWA NYAKABUYE RWITA KU BATISHOBOYE (A.J.E.N.I) CYANGUGU

Uyu muryango w'urubyiruko rwa Nyakabuye wita kubatishoboye (AJENI). Ibyo bamaze kugeraho n'ibikurikira :

1° Mu rwego rwo kubakira abadafite aho bikinga basizwe iheruheru, AJENI imaze kubakira abapfakazi n'imfubyi zibana n'abandi batishoboye amazu 118 mu ma segiteri atatu ya Komini Nyakabuye ariyo : Gitambi, Kaboza, Muhanga abasigaye batarubakirwa bakazubakirza mu midugudu.

2° Mu rwego rwo kwita k'urubyiruko : AJENI watangiye udushinga duto dufasha urubyiruko rw' »imfubyi ni muri urwo rwego urubyiruko rwatangiye kwigisha kudoda n'imashini, mu kwezi kwa gatanu, batangiye umushinga wo kubumba amatafari, abandi bakiga ububaji.

3° Mu rwego rwo guteza imbere abari n'abategarugori batishoboye : Abari n'abategarugori bashyiriweho umushinga wo gufuma ibitambaro, ubu barafuma, bakaba bafite n'imirima ibiri bahinze y'inyanya n'amashu.

AJENI iratyeganya kubashakira ibitambaro n'indodo bagafuma n'utwenda tw'abana bavutse tukawajya tugurishirizwa kuri Centre de Santé ya Mashesha, aho ababyeyi babyarira.

Ubworozi : Bafite ubworozi bw'ingurube 30 zifitwe n'abanyamuryango.

Inkunga bakeneye : Amatungo ya kijyambere, imyenda yo kudoda.

IBYO BAKENEYE GUTERWAMO INKUNGA

Ifumbire
Amasuka
Imihoro
Ibiraro by'amatungo
Amatungo ya Kijyambere
Imbuto z'imboga
Imyambaro y'ababyinnyi
Imyambaro y'impfubyi
Kubyutsa ibigo byo kwigishirizamo gusoma no kwandika
Ibikoresho byo gukinisha imipira n'imyambaro y'abakinnyi
Ibiro byo gukoreramo
Kubasura aho bakorera bakabungura inama, muburyo bugendanye n'igihe tugezemo
Imiryango y'urubyiruko imwe yahawe ubuzima gatozi iyindi nayo yahawe icyemezo cyo kuba ikora mugihe itegereje guhabwa ubuzima gatozi.

## III. UBUFATANYE BW'URUBYIRUKO HAGATI Y'URWANDAN'AMAHANGA

Uyu mushinga ugamije kubumbatira ubumwe n'ubusabane hagati y'urubyiruko rw'u Rwanda n'amahanga kugirango bungurane ibitecyerezo no gufatanya mu bikorwa bigamije guteza imbere akarere ko mu biyaga bigari, Afrika ndetse n'andi mahanga. Uyu mwaka w'1997, twari twateganije gushimangira uyu mushinga mu buryo bukurikira:

1. Gukoresha ingando y'urubyiruko urw'u Rwanda, urw'Abayapani hamwe n'urwo muri Africa y'epfo.
2. Kwohereza urubyiruko rw'u Rwanda ruzajya gusura urwo muri Eritreya na Etiyopiya
3. Gukoresha ihuriro rizamara icyumweru ry'urubyiruko rw'u Rwanda, urwa Uganda, urwa Congo, urwa Tanzania n'urw'i Burundi.
4. Kwitabira ubutumire bw'urubyiruko rw'andi mahanga ruzaba rwohérereje u Rwanda
5. Kwakirana ubwuzu urubyiruko ruvuye mu mahanga ruje gusura u Rwanda.

Tariki ya 20/01/97 kugeza 25/01/97, urubyiruko rwaserukiye u Rwanda mu kiganiro mbwirwaruhamwe, cyabereye muri Addis-Ababa, Ethiopia. Icyo kiganiro cyari kigamije gukangurira urubyiruko mu myifatire irebana n'ubuzima bwabo cyane kubyerekeye SIDA n'izindi ndwara zifata abana bakiri bato. Icyakomeje kuboneka nyuma y'urwo ruzinduko nuko twasuwe n'urubyiruko ruvuye muyandi mahanga cyane cyane urubyiruko rw'abanyeshuri bavuye i Bugande n'Ubuyapani.

a) Tariki 13/04/97 kugeza 17/04/97, urubyiruko ruvuye muri Archidiocese ya Kampala i Bugande rwasuye u Rwanda. Basuye i Rwamagana, ikigo cy'impfubyi kitiriwe Fred RWIGEMA. Basura Nyamata aho biciye abantu, Kiriziya y'Intarama n'i Rebero. Nyuma yaho twabateguriye ikiganiro ku kibazo cyateye itsembatsemba n'itsembabwoko n'ingamba Leta y'u Rwanda ifite mukuzahura igihugu. Mbere yo gusubirayo babonanye na Minisitiri w'Urubyiruko abifuriza urugendo rwiza.
b) Tariki ya 27/07/97 kugeza 9/08/97, urubyiruko ruvuye mu Buyapani rugizwe n'abasore batatu n'umukobwa umwe ari nawe wari uyoboye abandi, akaba ari Perezida w'ishyirahamwe ry'urubyiruko rwitwa Tomodochi, bisobanura ngo « nshuti » z'Ubuyapani.

Bakiriwe n'Umuyobozi w'Urubyiruko, Bwana MUSONI James ari kumwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri y'Uburezi Madamu MUKABARANGA. Basuye aha hakurikira :

(i) Umuryango w'abapfakazi AVEGA
(ii) Abana b'inzererezi bari mu kigo cya KIMISAGARA
(iii) I NTARAMA ahabereye amarorerwa y'itsembatsemba n'Itsembabwoko
(iv) I GITAGATA harererwa abana bagize uruhare rugaragara mw'itsembatsemba. Akaba ari ikigo kigerageza kubagorora.
(v) Ikigo cy'imfubyi cya GIKONDO kitwa HOPE AND CARE
(vi) Kaminuza y'u Rwanda i BUTARE
(vii) Inzu ndanga-murage y'u Rwanda i BUTARE
(viii) Umudugudu w'urubyiruko wa RUTONGO

Nyuma y'urwo rugendo mu gihugu, hakiriwe na Minisitiri w'Urubyiruko abizeza ko n'urubyiruko rw'u Rwanda ruzajya kubasura vuba cyane.

c) Tariki 13/08/97 kugeza 17/08/97, urubyiruko rugizwe n'abanyeshuri mirongo itandatu (60) baturutse i Bugande basuye u Rwanda. Bakiriwe n'ushinzwe ubufatanye bw'urubyiruko rw'u Rwanda n'amahanga Bwaana RUSIMBI John, ari nawe waberetse ibibera mu gihugu. Basuye aha hakurikira :

(i) I NTARAMA ahabereye amarorerwa y'itsembatsemba n'itsembabwoko
(ii) I GITARAMA harererwa abana bagize uruhare rugaragara mw'itsembatsemba. Akaba ari ikigo kigerageza kubagorora.
(iii) Abana b'inzererezi ba KIMISAGARA
(iv) Bifatanyije n'abanyarwanda kwizihiza umunsi w'umuco w'amahoro
(v) Twagize ikiganiro nabo ku ngingo ebyiri:

a) Uruhare rw'urubyiruko mw'iterambere ry'igihugu mubyiyaga bigari ndetse n'Afrika.
b) Ibibazo byateye itsembabwoko n'itsembatsemba m'u Rwanda na gahunda ya Leta mu kuzahura igihugu. Ibyo biganiro byabereye kw'ishuri rya International Academy. Nyuma y'urwo ruzinduko rwabo, babonanye n'Umunyabanga Mukuru muri Minisiteri y'Urubyiruko, Bwana KABANDANA Marc ari kumwe n'Umuyobozi w'Urubyiruko, Bwana MUSONI James. Babifurije urugendo rwiza kandi babasezeranya ko urubyiruko rw'u Rwanda narwo ruzabasura vuba.

<u>Ibibazo twahuye nabyo</u>

Muby'ukuri ntabwo twashoboye kuzuza gahunda twari twarateganije y'umwaka 1997 kubera ikibazo cya Bije idahagije. Ikindi nuko inzego z'urubyiruko zitari zubakwa kugeza ku rwego rw'igihugu.

## IV. <u>PROGRAMME I.E.C./SANTE DES JEUNES.</u>

### <u>RAPORO Y' IBIKORWA BYAKOZWE NA PROGRAMU UBUZIMA BWIZA BW'URUBYIRUKO</u>

Kubera ko urubyiruko runini rugize abatuye igihugu cyacu rutize, ibi bituma hari byinshi badasobanukirwa badatewe inkunga na leta. Nicyo gituma minisiteri ishinzwe urubyiruko yafashe ingamba zo gushyiraho programu ishinzwe ubuzima bwiza bw'urubyiruko kugira ngo iruhugure, inarwigishe uko rwakwirinda indwara.

## 1. INSHINGANO Z'IYO POROGRAMU.

N'ukwigisha urubyiruko uko rwa kwirinda icyorezo cya SIDA nizindi ndwara zose zifata mu myanya ndanga bitsina (MST) n 'ibindi byose bishobora kubangamira ubuzima bw'urubyiruko nk'itabi, inzoga , ibiyobyabwenge, kuryanabi, isuku nke, kurongorwa udakwije imyaka 21 cyangwa urengeje 35 iyo urumukobwa , gutwara inda zindaro, kubyara urengeje imyaka 45 .No kugira inama urubyiruko kubyekeye
uko umuntu yipimisha sida n'uko ayifatamo iyo ayirwaye.Kugirinama urubyiruko ubyerekeye irondoka n'ibibazo bijyanye.Gushyigikira imishinga ibyarinyungu y'urubyiruko.

## 2. IBYAGOMBAGA GUKORWA MU W'1997

1° Gukoresha amahugurwa y'abayobozi b'urubyiruko n'ababungirije bo muri za perefegitura zose (Les encadreurs préfectoraux et communaux).
2° Guhugura urubyiruko ruhagarariye urundi mu miryango n'amashyirahamwe yarwo anyuranye.
3° Gutanga inyigisho mu mashyirahamwe y'urubyiruko rukorera mu mugi wa kigali.
4° Gusura ibigo byamashuri y'imyuga za C.F.J na APTAC aho byatangiye ,hagatangwa inyigisho no kwerekana za film zerekeranye n'icyorezo cya SIDA.
5° Gusobanura neza uko amafaranga yatanzwe na UNICEF muli 95 yakoreshejwe muli programu y'ubuzima bwiza bw'Urubyruko.
6° Gukora iperereza( enquête cap) muli perefegitura ya KIGALI, GISENYI na BUTARE, kugirango bamenye aho urubyiruko rugeze no gusobanukirwa ibyerekeranye na SIDA.
7° Gutanga inyigisho mu ngando aho zizabera hose. mu gihugu
8° Kujya mu manama adutumira hirya no hino mugihugu ni zizabera hanze y'ighugu
9° Kwitabira amahugurwa n'amanama yategurwa na UNICEF, ONAPO, PNLS, PIS, FNUAP, ARBEF nabandi bose badutumira mu bijyanye n'akazi kacu.
10°Amahugurwa y'abakozi bakora muli Programe y'ubuzima bwiza bw'urubyiruko (Informatique).
11°Gutegura umunsi wahariwe kurwanya SIDA kwisi yose le 1/12/1997.
12°Gutanga video na cassettes video muli za perefegitura
13°Gutanga mungando kapoti 12.000

## 3. IBYAKOZWE MU BYALI BITEGANIJWE GUKORWA MU MWAKA WA 1997.

1° Inyigisho zaratanzwe mu mashyirahamwe y'Urubyiruko rw'abakobwa rudoda rwa KIMIRONKO, urwa ba Mamans Sportives, urwa ARBEF
2° Inyigisho zaratanzwe mu Ngando zose z'Urubyiruko zabaye mu kwezi kwa gatanu no mu kwa gatandatu ni Gisenyi mu kwa munani.
3° Ibigo byamashuri y'imyuga byarasuwe ariko ntabwo inyigisho zatanzwe KAVUMU,APTAS Nyanza. Rwamagana, KAYONZA ni ibindi
4° Amafaranga UNICEF yahaye programme mu w'1995 yarasobanuwe neza uko yakoreshejwe.
5° Video 8 zaratanzwe muri za prefegitura na za cassettes Video, izindi zatijwe ibigo by'amashuri y'imyuga.
6° Hitabiriwe amanama yose n'amahugurwa twatumiwemo ateguwe na ONAPO,PNLS, ARBEF, PSI, UNICEF, FUNUAP,inyinshi mwabonye za raporo

7° Amahugurwa y'abakozi b'iyi programme yarabaye kuva mu kwezi kumunani kugeza mu kwa cumi gutangira

8° Hatanzwe mu maperefegitura yose udutabo 1600 ( LES FAITS & ESPOIRS) twigisha kwirinda, Udutabo 1500(SAVOIR POUR SAUVER), Udutabo 1200 (HITAMO IGIKWIYE) , hatanzwe n'Udutabo twafanyije kwandika na ARBEF 200( RUBYIRUKO, MUSOBANUKIRWE KU BUZIMA BWANYU)
11 Video na Magneto zazo
68 Cassettes Videos
2000 Imipira y'amaguru
1600 Imipira y'amaboko
2400 Imipira ya Basket Ball
. 200 Inshundura zatanzwe mu maperefectura ,mu makomini no mu mashuri.

9° Umuhuzabikorwa yagiye mu Nama MPUZAMAHANGA yabereye ADDIS ABBABA muri ETHIOPIE yarigamije ibibazo by'Urubyiruko kubyerekeye irondoka.(18-25MUTARAMA 1997),yagiye mu rugendo shuri rwabereye Kampala muli Uganda kuva TALIKI ya 21 Nzeri kuza kwitaliki ya 3 Ukwakira1997,yagiye mu nama mpuzamahanga ya cumi muli Africa kundwara zandurira mu mibonano mpuza bitsina yabereye ABIDJAN muri CÔTE D'IVOIRE kuva KWITARIKI ya 7 kugeza kuya 13 Ukuboza UMWAKA1997.

10° **Gushakira amashyirahamwe adufasha kurwanya SIDA ,amafaranga muli UNICEF.**

a) Ishyirahamwe..RAMIRA ryahawe amafaranga angana na 4.500.000 frw
b).Ishyirahamwe .Benimpuhwe ryahawe amafaranga angana na 4.600.000 frw, kugira ngo bigishe urubyiruko rwabakobwa uko rwakwirinda SIDA.
c) ARBEF nayo bayihaye amafaranga angana na 4.800.000 frw , bakoresheje cya kigo cy'iGIKONDO gikorerwa mo ibiganiro n'inyigisho murubyiruko rukubiye mu mashyirahamwe aterwa inkunga na ARBEF, nka za Salons des coiffures n'amamesero.

## 4. IBYAKOZWE BITARI BITEGANIJWE

Hashatswe abandi ba Balleurs de fonds:.
* FNUAP
* GTZ Byumba na Butare.
* SUISSE AMBASSY
* Twateguye imishinga tuzakorana na FNUAP mu gihe cy'imyaka itatu.
. * Twateguye umushinga Umushinga duhuriyeho na MIGEFASO, MINEDUC,ONAPO na MINISANTE Uzakora uyu mwaka 1998, ugamije GuHUGURA URUBYIRUKO, ABAGANGA no kuvurubyiruko byumwihariko INDWARA ZANDURIRA MUMIBONANO MPUZABITSINA.
* Twakoze imishinga yo kwigisha les paires-éducateurs mu .Ngando tuyitanga muli H.C.R. ariko ntabwo bawuteye inkunga.
*Twarangije gukora IGITABO cya PROGRAMME Y'IMISHINGA tuzakora na FNUAP kuva1998 kugeza 2001.

5. <u>IBITAKOZWE BYARI BITEGANIJWE MU W'1997</u>

-Iperereza ntabwo ryashoboye gukorwa
-Amahugurwa ntitwashoye guhugura benshi nkuko twabyifuzaga.
-Umunsi wahariwe kurwanya Sida kwisi yose ntabwo twashoboye kugira icyo dukora nkuko bisanzwe.

6. <u>IBIBAZO TWAHUYE NABYO BYATUMYE TUDAKORA IBYARI BITEGANIJWE BYOSE.</u>

1°.Amafaranga ntayashyizwe kuri Konte ya Programme kubera ibibazo bya justification muri UNICEF.
2°.Imodoka yaragonze
3°.Umukozi wa programu yabonye financement yo kujya munama Mpuzamahanga ya ABIDJAN muri CôTE D'IVOIRE abura ordre de mission ya MINISITIRI W'INTEBE.
4°.HAKENEYE UMUKOZI UFITE IMPAMWABUSHOBOZI IHANITSE MURI MANAGEMENT Cg economie kugirango atozwe gukora amaprojets tuzakorana na FNUAP Kuva 1998-2001.

7. <u>UMUTI WIBI BIBAZO BY'IYI PROGRAMME.</u>

1°.Minisiteri yarikwiye kudufasha gushaka abandi ba Balleurs de fonds.
2°.Minisiteri yarikwiye kujya yibuka iyi programu ikayigenera budget mugihe les balleurs bataratanga amafaranga.
3°.Projet yose ikorera muri minisiteri ikwiye kujya igena budget yo guhugura abakozi bayo bakorana n'urubyiruko programme nayo igatanga abahugura.
4°.Hakwiye umukozi wakwiyongera mubo programu yarifite wize economie cyangwa management imyaka itatu ya universite cyangwa itanu agahugurirwa GUKORA za projets zemejwe muricadre de coopération na FNUAP.
5°.PROGRAMME yarikwiye Guhabwa AUTONOMIE kugirango akazi kihute.

RAPORO Y'AMAFARANGA YA KORESHEJWE 1997

| | IBIKORWA | AHO AMAFARANGA YAVUYE | AMAFARANGA |
|---|---|---|---|
| 1 | Inama mpuza mahanga ya ADDIS muri Ertiqie kubyerekeye Irondoka ry'abana bomuri Afrika n'ubyandu bya sida n'Indwara zandurira mumibonano mpuza bitsina. | FNUAP | 1060 $ us |
| 2 | Guhugura urubyiruko rwa kimironko rwiga kudoda n'Imashini. | MIJEUMA | 300 $ us |
| 3 | Guhugura abakobwa biga kwigisha abandi kudoda no kwandika muri mamans sportifs. | MIJEUMA | 300 $ us |
| 4 | Gusura amashuri yigisha imyuga | MIJEUMA | 200 $ us |
| 5 | Gutanga Vidio 8+Cassette + Vidio + CVR. | UNICEF | 2800 $ us |
| 6 | Guhugura abakozi ba programme IEC /santé muri informatique | UNICEF | 1200 $ us |
| 7 | Gutanga ibitabo 3000 n'imipira 7200 | UNICEF<br>MIJEUMA | 90.000 $ us<br>200 $ us |
| 8 | Urugendo shuri muri UGANDA | FNUAP | 1700 $ us |
| 9 | Kwigisha ba mayibobo (BUTARE na SHORONGI) | UNICEF | 20.000 $ us |
| 10 | Kwigi + no gushyigikira urubyiruko n'ARBEF | UNICEF | 22.000 $ us |
| 11 | Kwigisha abakobwa ba Association BENIMPUHWE. | UNICEF | 21.000 $ us |
| 12 | Urugendo shuri Ikampala muri UGANDA | FNUAP | 1600 $ us |
| 13 | Guhugura ba encadreurs b'urubyiruko ku byororo ke by'Imyanya ndanga bitsina. | ONAPO | 20.000 $ us |
| 14 | Inama mpuza mahanda kuri Sida n'Indwara zandurira mu mibonano mpuza bitsina muri AFRIKA | Ambassade ya ABABIRIGI | 18000 $ us |
| 15 | Kwigisha mungando no kuzi yobora | HCR / MIJEUMA | 1000 $ us |
| 16 | Gutanga udukingirizo mungando | FNUAP / MIJEUMA | 400 $ us |
| 17 | Kuja mumanama ya ONAPO,PNLS,UNICEF,FNUAP,ARBEF Amafaranga yose yakoreshejwe | ONAPO<br>MIJEUMA | 300 $ us<br><br>185.860 $ us |

NB: Idorari rivunja 300 Frw.

# V. RAPORO Y'UMUSHINGA KARANI NGUFU

## INCAMAKE Y'UMUSHINGA KARANI NGUFU

Umushinga watangiye mu kwezi kwa Gatandatu ,1996 ( Kamena 1996). Watangiye uzamara umwaka umwe; Ufashwa n'abagiraneza bo muri KANADA societe yitwa SIRTEC. yahawe amafaranga na leta ya Canada Ufite abakozi batanu na Homologue arimo. Wagombaga kurangira mu kwezi kwa Gatandatu 1997.

### INTEGO

- Gufasha abakarani gukorera mu mashyirahamwe ku buryo bakwifasha kongera umusaruro, no guteza imbere ibikorwa byabo
- Guhugura abakozi b'Umushinga
- Guhugura abayobozi b'abakarani ngufu
- Kubaha ibikoresho (ingorofani , Amakarita).
- Gufungura konti muri Banki y'abaturage

### IBYAGEZWEHO

- Abakarani ngufu bakorera mumujyi wa Kigali bibumbiye mu mashyirahamwe cumi n'atanu(15) bujuje ibyangombwa by'amashyirahamwe.
- Hari abanyamuryango magana ane na mirongo irindwi na babili (472).
- Hakozwe amakarita y'abakarani no kuyabaha
- Habaye amatora y'abayobozi b'amashyirahamwe ku rwego rwa buri shyirahamwe.
- Hatowe komite mpuzamashyirahamwe, igizwe n'abayobozi cumi n'abatanu (15)
- Hakoreshejwe amahugurwa y'abayobozi inshuro eshatu akamaro ko kwibumbira mu mashyirahamwe, kuzigama.
- Hakoreshejwe ingorofani makumyabili (20) muri JOC 10 +GACURIRO 10. Nyuma zihabwa abakarani byibura burishyirahamwe ryabonye ingorofani, kurayo mashyirahamwe.
- Hakozwe ibiganiro kuri Radio bifatanye n'imikorere y'abakarani.
- Handitswe inyandiko yerekana imikoreshereze y'ingorofani (politiki y'ingorofani)
- Abakarani bahawe amakarita y'akazi bigurira n'imyenda y'akazi.
- Habaye umuhango wo gutanga ingorofani n'amakarita kumugaragaro, umuhango witabiriye n'abayobozi ba minisiteri y'Urubyiruko, Perefegitura y'Umujyi n'abandi batumiwe.
- Amashyirahamwe agera kuri arindwi yitabiriye shampiyona y'umupira w'Urubyiruko rukora imirimo inyuranya mu mujyi wa Kigali (PVK)
- Koperative mpuzamashyirahamwe yakinguje konti kuburyo ubu bafitemo ibihumbi ijana (100.000 Frw)

* Kubera intambwe abakarani ngufu bateye byatumye n'urundi rubyiruko rwitabira kwibumbira mu mashyirahamwe bituma narwo turukurikirana Urugero Association KUHA (Groups) eshatu Nyarugenge, Kacyiru , Kicukiro bitoreye ubuyobozi. Hakozwe izindi ngorofani mirongo itanu kuburyo zimaze kuba mirongoirindwi, nyuma haboneka izindi ubuzikorwa zose hamwe n'ijana na makumyabili (120) kuburyo amashyirahamwe yose uko ari 25 babona nk'ingorofani enye (4).Hari amashyirahamwe 10 amaze kuboneka. Harateganywa amahugurwa yabo mu minsi ya vuba.
* Itariki ya 18/11/1997 nibwo habaye umuhango wo gutanga ingorofani icyiciro cya kabili.
* Hateganijwe amahugurwa y'Urubyiruko rukora imirimo inyuranye. Icyiciro cya mbere cyaratangiye hahugurwaUrubyiruko rucuruza utuntu muntoki.
* Amashyirahamwe y'Urubyiruko rukora akazi ko gutwara abantu ku magare yatoreshejwe ubuyobozi
* Urundi rubyiruko rwakurikiranwe :

⇒ Aboza imodoka
⇒ Aba taxis Voiture
⇒ Abacuruza ibinyamakuru
⇒ Abatwara amapikipiki
⇒ Abahanagura inkweto
⇒ Abogosha imisatsi

**IBITARAKOZWE:**

- Guhugura no gushyiraho ubuyobozi bw'amashyirahamwe yandi icumi yavutse nyuma ya cumi n'atanu yambere, biterwa nuko abenshi batinze kumva akamaro k'amashyirahamwe.

Projet ntabwo yarangirije mu gihe yihaye. Abayobozi ba PVK baribafite impungenge k'umutekano w'Umujyi, bibangombwa ko batinda gusinya amakarita. Ikindi nuko abafasha umushinga bemeye kongera gukoresha izindi ngorofani..

**INGORANE**

◊ Umushinga wamaze igihe udafite umuhuzabikorwa.
◊ Imipira y'ingorofani yabanje kubura ikorwa ryayo rirahagarara. gato.
◊ Abakarani batinze kumva akamaro ko kwibumbira mu mashyirahamwe. Abenshi bakanashukwa ko ntacyo amaze. (ayarahari mbere yintambara ntacyo yabamariye)
◊ Gusuzugura ikibazo cy'abakarani ngufu
◊ Abategetsi ba PVK ntabwo bumvaga neza intego z'umushinga. Kubasinyira ku makarita byaratinze, kuko bagombaga kubyigaho neza (mu rwego rw'umutekano).
◊ Ikibazo cyingutu twahuye nacyo nukutagira uburyo bwo kugera kurayo mashyirahamwe (Transport, kubera ko amashyirahamwe akwira mu bice bitandukanye muruyu mujyi. Ndetse hari n'urubyiruko rwinshi tutashoboye kugeraho kubera kutagira transport.
- Icyo kibazo cyabonewe umuti w'abakozi umushinga Karani ngufu urashimira Minisitiri wa MIJESCAFOP yabahaye imodoka MINIBUS yo kuwufasha.

## AMAFARANGA YAKORESHEJWE 1997

### A. AMAFARANGA YAKORESHEJWE KUVA MURI MUTARAMA KUGEZA KANAMA 1997

1. Kugura ibikoresho (impapuro, Bics............)no kuriha imodoka (taxis) zijyana abakozi aho ba karani ngufu bakorera = 557.250 FRW

2. Imishahara = 2.455.000 FRW
3. Amafaranga yaguzwe amakarita 300 = 12.000 FRW
4. Amafaranga yarishye ingorofani 140 = 4.684.000 FRW
5. Ubutumwa i Kampala, kugura imipira y'ingorofani = 160.000 FRW
6. Amafaranga yatanzwe ku mahugurwa = 437.900 FRW
7. Amafaranga yaguzwe imipiura 2 y'ingorofani i Kigali = 8.000 FRW

Amafaranga yakoreshejwe umwaka wose 1997 ni :

557.250 Frw + 2.455.000 Frw + 12.000 Frw + 4.684.000 Frw + 160.000 Frw + 437.900 Frw + 8.000 Frw = **8.314.150. Frw**
**Miliyoni umunani n'ibihumbi magana atatu na cumi na bine n'amafaranga ijana na mirongo itanu.**

## *VI. RAPORO Y'IBIKORWA BY'ISHAMI RYONGERA UMUSARURO NO GUTERA INKUNGA AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO*

### IBYATEGANIJWE:

Mu mwaka w'1997, ishami ryongera umusaruro y'urubyiruko no gutera inkunga amashyirahamwe yarwo ryari rifite ibikorwa byinshi byateganijwe gukorwa ariko kubera akazi kenshi k'ingando kandi n,amafaranga yateganijwe gukoreshwa muri ibyo bikorwa ntabwo yabonetse nkuko byari biteganijwe muri Bije ya Leta.

Ibikorwa by'Ishami byari biteganijwe mu mwaka w'1997 n'ibi bikurikira :

- Kwitabira ibikorwa by'ingando kugirango ishami rigenzure uburyo izo ngando zongera umusaruro w'urubyiruko
- Gusura no gusuzuma imikorere y'ibigo bifasha abana b'impfubyi n'abatishoboye bigera mu munani

- Gutegura no gushyira mu bikorwa umushinga wo guhugura no gukangurira urubyiruko ibikorwa by'amajyambere.
- Gushyiraho amasoko atatu mugihugu agamije kugurira urubyiruko umusaruro warwo
- Gutegura no gushakira inkunga umushinga ugamije kwongera umusaruro w'urubyiruko
- Gukurikiranira hafi umushinga wa Karani-Ngufu

IBYAKOZWE:

Ibikorwa byakozwe ntabwo aribyose nkuko byari biteganijwe kubera ko uburyo bwo kugenda bwari bugoye, kandi n'amafaranga yateganirijwe ibikorwa bimwe akaba atarabonetse.

Ibyakozwe akaba ari ibi bikurikira :

- Umushinga wo guhugura no gukangurira urubyiruko ibikorwa by'amajyambere warateguwe ushyikirizwa Minisiteri y'Imali, ariko amafaranga ntabwo yari yaboneka kugirango ushyirwe mubikorwa. Uyu mushinga wari uteganijwe gutangirira mu maperefegitura atanu kugirango amafaranga yateganijwe akwire.
- Umushinga ugamije urubyiruko rwamugaye kwitabira ibikorwa by'amajyambere warateguwe ushyikirizwa imiryango y'abagiraneza nka PNUD, UNHCR, USAID na SAVE THE CHILDREN kugirango iwutere inkunga.
- Ibikorwa by'umushinga wa Karani-Ngufu n'ingando byarakurikiranywe kuburyo twagiye twungurana ibitekerezo byafasha iyo mishinga gutera imbere kandi umushinga wa Karani-Ngufu byaragaragaye ko umaze gutera imbere ugabanya akajagari mu Mugi wa Kigali.

Ibitakozwe byatewe n'akazi kenshi ubundi bigaterwa n'amafaranga ataraboneka kugirango ibikorwa byubahirizwe ariko gahunda zarategurwaga, ugasanga n,abakozi bafite ubushake kuburyo umuti izo nzitizi uramutse, ubonetse ibikorwa byagenda neza muri uyu mwaka mushya.

Muri rusange uku niko ibikorwa by'ishami byagenze.

## VII. UMUSHINA W'INGANDO

Umushinga w'ingando mu mwaka 1997 wakorewe muri gahunda y'Igihugu, ingando zakozwe mu rwego rwo guhugura abanyarwanda batahutse vuba (PNRRNR).

Byumwihariko ariko, umushinga wateye inkunga ingando ya Perefegitura ya BYUMBA.

## VIII. IBIKORWA BY'UMWAKA W'1997 MURI GAHUNDA Y'IGIHUGU YITA KU BANA BATAGIRA KIVURIRA « RWANDA RW'EJO »

Kugira ngo herekanwe binonosoye ibikorwa byakozwe mu mwaka 1997 izi ngingo zarakurikijwe:

**a ) Inama shuri yabaye mu rwego rw'igihugu yabaye hagati ya Gahunda y'Igihugu n'imiryango yita ku bana batagira kivurira.**

Minisiteri y'Urubyiruko Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, ifatanije na UNICEF, Coopération Italienne, Coopération Canadienne yakoresheje iyo nama shuri muri Mata 1997. Iyo namashuri yafashije mu kumenya birushijeho imiryango ikora mu rwego rwo kwita ku bana batagira kivurira ndetse no kuyinjiza birushijeho muri icyo gikorwa. Ntitwakwibagirwa ko mu mpera z'umwaka wa 1997 ( 30-31 Ukuboza 1997 habaye indi nama shuri yahuje abakangurambaga 14 bakora muri Gahunda.

**b) gushyira abana mubuzima busanzwe.**

Muri icyo gikorwa cyo gushyira abana mu buzima busanzwe, Gahunda y'Igihugu yita ku bana batagira kivurira « RWANDA RW'EJO » yihatiye kwegera Minisiteri ishinzwe uburezi, kugira ngo ifashe abana mu kubona amashuri. Habaye inama n'abashinzwe uburere mu by'uburezi ( Inspecteurs d'arrondissement) bityo higwa uburyo haba ubufatanye mu gukurikirana uburere bw'abana.

Ku bana biga imyuga, hanagaragaye ubufatanye n'amashuri y'imyuga nka IPAM na GATENGA.

### c) Gushyira abana mu mashuri

**c.1. Gushyira abana mu mashuri mato.**

ku bana 349 bakiriwe na Gahunda, abana 208 bashoboye gutangira cyangwa se gusubira mu mashuri. Muribo 144, basubiye mu miryango bityo biga mu mashuri abegereye, naho 64 bagumye mu mashuri aba mu mugi wa Kigali.
Kuri abo 64 biga muri Kigali, abana biga neza bari hagati ya 80% na 90%.

**c.2. Gushyira abana mu mashuri yisumbuye**

Gahunda yashyize abana batagira kivurira 25 mu mashuri ya BUTARE, PVK, KIGALI-NGARI na BYUMBA.

**c.3. Gushyira abana mu mashuri yigisha imyuga**

Ibigo byigisha imyuga bikurikira byakiriye abana batagira kivurira 60. Ibyo bigo ni :
. IPAM ( Institut pour la Promotion des Arts et des Métiers ) muri icyo kigo bigamo ububaji, gusudira n'amashanyarazi.
. ARO ( Association Rwandaise des Orphelins ) : biga kudoda
. Ikigo cy'i kayonza : biga ubwubatsi n'ububaji
. Ikigo cy'i gacuriro : biga ububaji, ubwubatsi, soudure, ubudozi, n'ubukanishi

Mugusura ibyo bigo ngo gahunda irebe imyigire y'abana, nk'uko bigaragara muri raporo abana bakurikira amasomo bahabwa neza.

**c.4. Kwiga gusoma no kwandika**

Kugira ngo abana babashe gukurikira neza imyuga, abana 160 biga gusoma no kwandika, kandi bagakurikira neza ayo masomo.

**d. UBUKANGURAMBAGA** mu rwego rwo guhindura imyifatire y'ibitekerezo ku kibazo cy'abana batagira kivurira, kugirango icyo cyorezo gishire hakoreshejwe guhuza abana n'imiryango

**1 . Ubukangurambaga**

Muri urwo rwego, gahunda yakoresheje iminsi yahariwe abana batagira kivurira. Inama shuri yakorewe abakangurambaga ubwabo.
Habaye inyandiko mu binyamakuru bya leta n'ibyigenga zijyanye n'ubukangurambaga. Ubutumwa bwaratanzwe muri radiyo, ndetse no kuri Télévision.

**2. Guhuza abana n'imiryango**

Abana 144 bahujwe n'imiryango
78 bari abo muri Perefegitura ya GITARAMA
41 abo muri BUTARE
24 abo mu RUHENGERI
1 wo mu MUTARA
1 w'i KIBUNGO
4 bo muri KIBUYE
6 bo muri KIGALI-NGARI

**3. Gufasha imiryango itera inkunga**

Kubera uburemere bw'ikibazo cy'abana batagira kivurira, gahunda yateganije guhura n'imiryango itera inkunga ; kugira ngo barebere hamwe uburyo icyo kibazo cyakemuka. Icyo gikorwa cyabaye mu nama shuri yabaye muri mata 97.

Imiryango yafashijwe ni iyo muri Paroisse ya Kibungo, Paroisse ya RWAMAGANA n'iyo muri Kigali y'umujyi ( ONG ) « Noblesse de Cœur ».

e. **Imibereho**.

Muri iyo gahunda kandi kugira ngo imirimo itunganywe neza, habaga hakenewe abakozi, ndetse n'ibyangombwa by'ibanze kugira ngo hose habe imibereho myiza y'abana nk'ibiribwa n'imyambaro ibyo bigakurikirana na raporo.

# UTILISATION FONDS PNUD (Janvier - Décembre 1997)

| Rubrique budgétaire | Description de la rubrique budgétaire | Avance de Fonds | Paiement direct | Total dépenses |
|---|---|---|---|---|
| 13.02 | Personnel d'appui | 21.274.007 | - | 21.274.007 |
| 15.01 | Missions dans le Pays | 1.346.273 | - | 1.346.273 |
| 17.02 | Coordinateur | 1.537.350 | - | 1.537.350 |
| 17.51 | Consultant National | - | 600.000 | 600.000 |
| 32.01 | Sens et réunification | 783.000 | 4.708.500 | 5.491.500 |
| 32.02 | Voyages d'étude | - | 761.100 | 761.100 |
| 33.01 | Formation Formateurs | 349.420 | - | 349.420 |
| 33.02 | Formation professionnelle | 7.084.765 | 1.836.000 | 8.920.765 |
| 33.03 | Séminaire National | 1.837.550 | - | 1.837.550 |
| 41.01 | Equipement et supplies | 123.350 | - | 123.350 |
| 45.01 | Matériel act. recréat | 2.405.800 | - | 2.405.800 |
| 45.02 | Appui aux Initiatives de base | 289.200 | - | 289.200 |
| 45.03 | Véhicule | 2.206.019 | 11.216.936 | 13.422.955 |
| 45.04 | Equipement de bureau | 1.893.645 | - | 1.893.645 |
| 45.05 | Fonctionnement des Centres | 12.735.280 | 20.778.375 | 33.513.655 |
| 51.01 | Fonctionnement et Entretien | 7.940.738 | - | 7.940.738 |
| 52.02 | Rapport d'évaluation | - | 600.000 | 600.000 |
| 53.01 | Divers | 346.300 | 15.100 | 361.400 |
| **TOTAL** | | **62.152.697** | **40.516.011** | **102.668.708** |

# UTILISATION FONDS PNUD/TRAC ( Janvier - Décembre 97)

| Rubrique budgétaire | Description de la Rubrique budgétaire | Paiement Direct | Total dépense |
|---|---|---|---|
| 11.51 | Consultant intern | 5.700.000 | 5.700.000 |
| 45.02 | Appui aux Centres d'accueil | 19.818.022 | 19.818.022 |
| 45.04 | Location véhicule + chauffeur | 2.208.600 | 2.208.600 |
| 45.05 | Fonctionnement des Centres | 6.310.200 | 6.310.200 |
| | | **TOTAL** | **34.036.822** |

## AMAFARANGA YAKORESHEJWE MURI 1997

| | | |
|---|---|---|
| 1. Uburere mbonerqgihugu (MINI-FIN) | : | 1.316.600 FRW |
| 2. Imiryango y'urubyiruko (MINI-FIN) | : | 79.330 FRW |
| 3. Ubuzima bw'urubyiruko(MIJESCAPE/FNUAP/UNICEF/ ONAPO/AMBABEL | : | 55.758.000 FRW |
| 4. Umushinga Karani ngugu | : | 8.314.150 FRW |
| 5. Gahunda y'igihugu yita kubana batagira kivurira «RWANDA RW'EJO»-JSD(PNUD) | : | 136.705.530 FRW |
| **TOTAL** | : | **202.705.530 FRW** |